



Umwaka wa 61
Igazeti ya Leta n° Idasanzwe
yo ku wa 02/09/2022

Year 61
Official Gazette n° Special of
02/09/2022

61^{ème} Année
Journal Officiel n° Spécial du
02/09/2022

Ibirimo/Summary/Sommaire

page/urup.

A. Amateka ya Minisitiri/Ministerial Orders/Arrêtés Ministériels

N° 01/MIFOTRA/22 ryo ku wa 30/08/2022

Iteka rya Minisitiri ryerekeye abakozi ba Leta bagengwa n'amasezerano n'amasaha y'akazi mu cyumweru ku bakozi ba Leta.....2

N° 01/MIFOTRA/22 of 30/08/2022

Ministerial Order on public servants governed by an employment contract and weekly working hours for public servants2

N° 01/MIFOTRA/22 du 30/08/2022

Arrêté Ministériel relatif aux agents de l'Etat régis par un contrat de travail et aux heures de travail hebdomadaire pour les agents de l'Etat.....2

N° 02/MIFOTRA/22 ryo ku wa 30/08/2022

Iteka rya Minisitiri ryerekeye umutekano ku kazi, inzego zihagararira abakozi n'abakoresha, umurimo w'umwana, umurimo w'umunyamahanga n'ikiruhuko cy'ingoboka.....18

N° 02/MIFOTRA/22 of 30/08/2022

Ministerial Order on occupational safety, employees' and employers' organisations, child employment, employment of a foreigner, the child and circumstantial leave.....18

N° 02/MIFOTRA/22 du 30/08/2022

Arrêté Ministériel relatif à la sécurité au travail, aux organisations des travailleurs et des employeurs, au travail de l'enfant, à l'emploi d'un étranger et au congé de circonstance.....18

B. Amabwiriza

N° 01/2022 yo ku wa 01/09/2022

Amabwiriza ya Komisiyo y'Igihugu y'Amatora agena imigendekere y'amatora y'abagize Komite y'Abunzi.....112

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/MIFOTRA/22 RYO KU WA 30/08/2022 RYEREKEYE ABAKOZI BA LETA BAGENGWA N'AMASEZERANO N'AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU KU BAKOZI BA LETA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 01/MIFOTRA/22 OF 30/08/2022 ON PUBLIC SERVANTS GOVERNED BY AN EMPLOYMENT CONTRACT AND WEEKLY WORKING HOURS FOR PUBLIC SERVANTS</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 01/MIFOTRA/22 DU 30/08/2022 RELATIF AUX AGENTS DE L'ÉTAT RÉGIS PAR UN CONTRAT DE TRAVAIL ET AUX HEURES DE TRAVAIL HEBDOMADAIRE POUR LES AGENTS DE L'ÉTAT</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: GUSHAKA NO GUCUNGA ABAKOZI BAGENGWA N'AMASEZERANO Y'UMURIMO</u></p>	<p><u>CHAPTER II: RECRUITMENT AND MANAGEMENT OF CONTRACTUAL STAFF</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : RECRUTEMENT ET GESTION DES AGENTS CONTRACTUELS</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisabwa mu gushaka umukozi</u></p>	<p><u>Article 2: Conditions for recruitment</u></p>	<p><u>Article 2 : Conditions de recrutement</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Ibigize inyandiko isaba uruhushya</u></p>	<p><u>Article 3: Content of the file requesting authorization</u></p>	<p><u>Article 3 : Contenu du dossier de demande de l'autorisation</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Uburyo bwo gushaka Umukozi</u></p>	<p><u>Article 4: Modalities for recruitment</u></p>	<p><u>Article 4 : Modalités de recrutement</u></p>
<p><u>Ingingo ya 5: Amasezerano y'umurimo</u></p>	<p><u>Article 5: Employment contract</u></p>	<p><u>Article 5 : Contrat de travail</u></p>

<p><u>Ingingo ya 6:</u> Igihe amasezerano y'umurimo amara</p>	<p><u>Article 6:</u> Duration of employment contract</p>	<p><u>Article 6 :</u> Durée du contrat de travail</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi</p>	<p><u>Article 7:</u> Salary and fringe benefits</p>	<p><u>Article 7 :</u> Salaire et avantages</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Imicungire y'umukozi ugengwa n'amasezerano</p>	<p><u>Article 8:</u> Management of contractual staff</p>	<p><u>Article 8 :</u> Gestion d'un agent contractuel</p>
<p><u>UMUTWE WA III:</u> AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU</p>	<p><u>CHAPTER III:</u> WEEKLY WORKING HOURS</p>	<p><u>CHAPITRE III :</u> HEURES DE TRAVAIL HEBDOMADAIRE</p>
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Amasaha y'akazi mu cyumweru</p>	<p><u>Article 9:</u> Weekly working hours</p>	<p><u>Article 9 :</u> Heures de travail hebdomadaire</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Ikoreshwa ry'amasaha y'akazi</p>	<p><u>Article 10:</u> Use of working hours</p>	<p><u>Article 10 :</u> Utilisation des heures de travail</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo bwo kugenzura iyubahirizwa ry'amasaha y'akazi</p>	<p><u>Article 11:</u> Modalities of monitoring the compliance with working hours</p>	<p><u>Article 11 :</u> Modalités de contrôle du respect des heures du travail</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Amasaha y'akazi y'ikirenga</p>	<p><u>Article 12:</u> Overtime work</p>	<p><u>Article 12 :</u> Heures supplémentaires</p>
<p><u>UMUTWE WA IV:</u> INGINGO ISOZA</p>	<p><u>CHAPTER IV:</u> FINAL PROVISION</p>	<p><u>CHAPITRE IV :</u> DISPOSITION FINALE</p>
<p><u>Ingingo ya 13:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 13:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 13 :</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 01/MIFOTRA/22 RYO KU WA 30/08/2022 RYEREKEYE ABAKOZI BA LETA BAGENGWA N'AMASEZERANO N'AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU KU BAKOZI BA LETA</p> <p>Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga Abakozi ba Leta nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6 n'iya 14;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/07/2022 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 01/MIFOTRA/22 OF 30/08/2022 ON PUBLIC SERVANTS GOVERNED BY AN EMPLOYMENT CONTRACT AND WEEKLY WORKING HOURS FOR PUBLIC SERVANTS</p> <p>The Minister of Public Service and Labour;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing general statute governing public servants as amended to date, especially in Articles 6 and 14;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 29/07/2022;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 01/MIFOTRA/22 DU 30/08/2022 RELATIF AUX AGENTS DE L'ÉTAT RÉGIS PAR UN CONTRAT DE TRAVAIL ET AUX HEURES DE TRAVAIL HEBDOMADAIRE POUR LES AGENTS DE L'ÉTAT</p> <p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État de la fonction publique telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 6 et 14 ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 29/07/2022 ;</p> <p>ARRÊTE :</p>
---	---	---

<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka rigena –</p> <p>1° uburyo n’ibisabwa mu gushaka no gucunga abakozi ba Leta bagengwa n’amasezerano y’umurimo mu butegetsi bwa Leta;</p> <p>2° n’amasaha y’akazi mu cyumweru n’uburyo yubahirizwa ku bakozi ba Leta.</p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order determines –</p> <p>1° modalities and conditions for recruitment and management of public servants governed by an employment contract in public service; and</p> <p>2° weekly working hours for public servants and modalities for their application.</p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté détermine –</p> <p>1° les modalités et les conditions de recrutement et de gestion des agents de l’État régis par un contrat de travail dans la fonction publique ; et</p> <p>2° les heures de travail hebdomadaire et les modalités de leur application pour les agents de l’État.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: GUSHAKA NO GUCUNGA ABAKOZI BAGENGWA N’AMASEZERANO Y’UMURIMO</u></p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibisabwa mu gushaka umukozi</u></p> <p>Urwego rwa Leta rushaka umukozi wa Leta ugengwa n’amasezerano y’umurimo iyo rukeneye umukozi ku mwanya w’umurimo uteganyijwe ku mbonerahamwe y’imyanya</p>	<p><u>CHAPTER II: RECRUITMENT AND MANAGEMENT OF CONTRACTUAL STAFF</u></p> <p><u>Article 2: Conditions for recruitment</u></p> <p>A State organ recruits a public servant governed by an employment contract when it needs a public servant on a job position that is provided for on the approved organizational</p>	<p><u>CHAPITRE II : RECRUTEMENT ET GESTION DES AGENTS CONTRACTUELS</u></p> <p><u>Article 2 : Conditions de recrutement</u></p> <p>Un organe de l’État recrute un agent de l’État régi par un contrat de travail lorsqu’elle a besoin d’un agent à un poste d’emploi prévu sur la structure organisationnelle approuvée de l’Unité chargée des Projets du Gouvernement.</p>

<p>y'imirimo yemejwe y'ishami rishinzwe Imishinga ya Leta.</p> <p>Urwego rwa Leta rushobora kandi gushaka umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo kubera imwe mu mpamvu zikurikira:</p> <p>1° mu gihe umukozi ushakwa asimbura umukozi wa Leta udahari kubera impamvu ziteganywa n'amategeko, kandi uwo mukozi udahari akaba azamara igihe kingana cyangwa kirenga amezi atatu (3);</p> <p>2° mu gihe hashakwa umukozi wa Leta ku mwanya ukenewe ubumenyi bw'imbonekarimwe cyangwa ubumenyi budasanze;</p> <p>3° mu gihe hakenewe umukozi wa Leta ukora imirimo yihutirwa igaragazwa n'ibi bikurikira:</p> <p>a. mu gihe havutse imirimo y'inyongera ku mirimo isanzwe ikorwa n'urwego rwa Leta;</p>	<p>structure of a Single Projects Implementation Unit.</p> <p>A State organ may also recruit a public servant governed by an employment contract for one of the following reasons:</p> <p>1° in case of replacement of a public servant who is absent at work for a period equal or superior to three (3) months, due to reasons provided for by laws;</p> <p>2° in case of recruitment of a public servant on a job position that requires rare or exceptional skills;</p> <p>3° when there is a need to recruit a public servant to carry out urgent services characterized by the following:</p> <p>a. in case there are additional services to the existing services of a State organ;</p>	<p>Un organe de l'État peut aussi recruter un agent de l'État régi par un contrat de travail pour l'une des raisons suivantes :</p> <p>1° en cas de remplacement d'un agent de l'État absent au travail pour une période égale ou supérieure à trois (3) mois pour des raisons prévues par la loi;</p> <p>2° en cas de recrutement d'un agent de l'État pour un poste d'emploi exigeant des compétences rares ou exceptionnelles ;</p> <p>3° lorsqu'il y a un besoin de recruter un agent de l'État pour accomplir des services urgents caractérisés par les éléments suivants :</p> <p>a. au cas où il y a des services supplémentaires aux services existants d'un organe de l'État;</p>
--	--	--

<p>b. mu gihe nta mukozzi wa Leta uhari wakora izo nshingano zihutirwa bitabangamiye inshingano asanzwe akora;</p> <p>c. mu gihe kudakorwa kw'iyi mirimo yihutirwa byahungabanya imikorere y'urwego rwa Leta cyangwa serivisi igomba gutangwa.</p> <p>Urwego rwa Leta rushaka umukozzi wa Leta ugengwa n'amasezerano kubera impamvu zivugwa mu gace ka 2° n'aka 3° tw'igika cya 2 cy'iyi ngingo, mbere yo kumushaka rubanza kubisabira uruhushya mu nyandiko, rutangwa na Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Ibigize inyandiko isaba uruhushya</u></p> <p>Inyandiko isaba uruhushya rwo gushaka umukozzi wa Leta ugengwa n'amasezerano igomba kuba ikubiyemo ibi bikurikira:</p>	<p>b. in case there is no public servant to carry out such urgent services without compromising his or her usual duties;</p> <p>c. in case the non-performance of such urgent services may disrupt the functioning of a State organ or the service to be delivered.</p> <p>A State organ that intends to recruit a public servant governed by an employment contract for reasons provided for under items 2° and 3° of Paragraph 2 of this Article, before recruiting him or her, requests in writing the authorization to be granted by the Ministry in charge of public service.</p> <p><u>Article 3: Content of the file requesting authorization</u></p> <p>The file requesting authorization for recruitment of a public servant governed by an employment contract contains the following:</p>	<p>b. au cas où il n'y a pas un agent de l'État pouvant accomplir les services urgents sans compromettre ses attributions existantes ;</p> <p>c. au cas où le non-accomplissement de ces services urgents peut perturber le fonctionnement d'un organe de l'État ou le service à fournir.</p> <p>Un organe de l'État qui a l'intention de recruter un agent de l'État régi par un contrat de travail pour des raisons prévues aux points 2° et 3° de l'alinéa 2 du présent article, avant de le recruter, doit demander par écrit l'autorisation à cet effet délivrée par le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p><u>Article 3 : Contenu du dossier de demande de l'autorisation</u></p> <p>Le dossier de demande de l'autorisation de recruter un agent de l'État régi par un contrat de travail contient ce qui suit :</p>
---	---	---

<p>1° impamvu umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo akenewe;</p> <p>2° umwanya w'umurimo n'inshingano zawo;</p> <p>3° igihe amasezerano y'umurimo azamara;</p> <p>4° aho amafaranga yo guhamba umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo azava.</p>	<p>1° the justification for the need of a public servant governed by an employment contract;</p> <p>2° the job position and its job description;</p> <p>3° the duration of employment contract;</p> <p>4° the source of funds to remunerate a public servant governed by an employment contract.</p>	<p>1° la justification du besoin d'un agent de l'État régi par un contrat de travail ;</p> <p>2° le poste d'emploi et les attributions y relatives ;</p> <p>3° la durée du contrat de travail ;</p> <p>4° la source des fonds pour rémunérer un agent de l'État régi par un contrat de travail.</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Uburyo bwo gushaka Umukozi</p>	<p><u>Article 4:</u> Modalities for recruitment</p>	<p><u>Article 4 :</u> Modalités de recrutement</p>
<p>Gushaka umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo bikorwa mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga.</p>	<p>The recruitment of a public servant governed by an employment contract is done in accordance with modalities provided for by relevant laws.</p>	<p>Le recrutement d'un agent de l'État régi par un contrat de travail est fait conformément aux modalités prévues par la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Amasezerano y'umurimo</p> <p>Umukandida watsindiye umwanya w'umurimo w'umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano agirana n'Urwego rwa Leta rumuhaye akazi amasezerano y'umurimo hakurikijwe itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.</p>	<p><u>Article 5:</u> Employment contract</p> <p>A successful candidate on the job position of a public servant governed by an employment contract signs an employment contract with the recruiting State organ in accordance with the Law regulating labour in Rwanda.</p>	<p><u>Article 5 :</u> Contrat de travail</p> <p>Le candidat retenu au poste d'un agent de l'État régi par un contrat de travail signe un contrat de travail avec l'organe de l'État qui le recrute, conformément à la loi portant réglementation du travail au Rwanda.</p>

<u>Ingingo ya 6: Igihe amasezerano y'umurimo amara</u>	<u>Article 6: Duration of employment contract</u>	<u>Article 6 : Durée du contrat de travail</u>
<p>Igihe amasezerano y'umurimo mu butegetsi bwa Leta amara cyumvikanwaho hagati y'umukozi n'umukoresha nyuma yo kureba niba hari amafaranga agenewe umushahara n'ibindi umukozi agenerwa.</p> <p>Icyakora:</p> <p>1° igihe amasezerano y'umurimo amara mu butegetsi bwa Leta ntikirenga imyaka itatu (3);</p> <p>2° amasezerano y'umurimo ku mwanya w'umurimo uteganyijwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yemejwe y'ishami rishinzwe imishinga ya Leta amara igihe kingana n'igihe inkunga y'umushinga wa Leta cyangwa iy'umuterankunga izamara.</p> <p>Ku mukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo usimbura umukozi wa Leta udahari kubera impamvu ziteganywa n'amategeko, urwego rwa Leta rushobora kongera amasezerano y'umurimo mu nyandiko hashingiwe ku gihe rugikeneyemo</p>	<p>The duration of the employment contract in public service is negotiated between the employee and the employer taking into consideration the availability of funds for the payment of salary and fringe benefits.</p> <p>However:</p> <p>1° the duration of the employment contract in public service does not exceed three (3) years;</p> <p>2° the employment contract for a job position that is provided on the approved organizational structure of a Single Projects Implementation Unit is concluded for a period equal to Government or development partner project's funding period.</p> <p>For a contractual public servant who replaces a public servant who is absent at work due to reasons provided for by laws, the State organ may renew in writing the employment contract, based on the period for which the State organ needs the contractual public servant and the availability of funds.</p>	<p>La durée du contrat de travail dans la fonction publique est négociée entre l'employé et l'employeur et en tenant compte de la disponibilité des fonds pour le paiement du salaire et des avantages.</p> <p>Toutefois :</p> <p>1° la durée du contrat de travail dans la fonction publique ne dépasse pas trois (3) ans ;</p> <p>2° le contrat de travail au poste d'emploi prévu sur la structure organisationnelle approuvée de l'Unité chargée des Projets du Gouvernement est conclu pour une période égale à la période de financement du projet de l'État ou du projet du partenaire de développement.</p> <p>Pour un agent contractuel de l'État qui remplace un agent de l'État absent au travail pour des raisons prévues par la loi, l'organe de l'État peut renouveler par écrit le contrat de travail en fonction de la période pour laquelle l'organe de l'État a besoin de cet agent</p>

<p>uwo mukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano no kuba rufite amafaranga yo kumuhemba.</p> <p>Ku mukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo ukora ku mwanya ukeneweho ubumenyi bw'imbonekarimwe cyangwa ubumenyi budasanzwe cyangwa ukora imirimo yihutirwa, kongera amasezerano bikorwa mu nyandiko nyuma yo gutangirwa uburengazira na Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi</u></p> <p>Uretse ibijyanye n'umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi ufite ubumenyi bw'imbonekarimwe cyangwa ubumenyi budasanzwe, umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo mu butegetsi bwa Leta bigomba kuba bingana n'ibigenerwa umukozi wa Leta ukora ku buryo buhoraho ku mwanya w'umurimo bihuje intera.</p> <p>Iyo nta mwanya w'umurimo bihuje intera mu butegetsi bwa Leta, umushahara n'ibindi bigenerwa umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo bigenwa n'urwego rwa Leta rushaka gukoresha uwo mukozi,</p>	<p>For a contractual public servant serving on a job position that requires rare or exceptional skills or who was recruited to carry out urgent services, the renewal of the contract is done in writing upon authorization by the Ministry in charge of public service.</p> <p><u>Article 7: Salary and fringe benefits</u></p> <p>Except the salary and fringe benefits allocated to an employee with rare or exceptional skills, the salary and fringe benefits allocated to a public servant governed by an employment contract in public service, are equal to those allocated to a permanent public servant on the same job level.</p> <p>If there is no job position of the same level in public service, the salary and fringe benefits allocated to a public servant governed by an employment contract are determined by the State organ that intends to employ such a</p>	<p>contractuel de l'État et de la disponibilité des fonds.</p> <p>Pour un agent contractuel de l'État employé à un poste d'emploi exigeant des compétences rares ou exceptionnelles ou recruté pour accomplir des services urgents, le renouvellement du contrat est fait par écrit après autorisation du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p><u>Article 7 : Salaire et avantages</u></p> <p>À l'exception du salaire et des avantages alloués à un employé ayant des compétences rares ou exceptionnelles, le salaire et les avantages alloués à un agent de l'État régi par un contrat de travail dans la fonction publique sont équivalents à ceux alloués à un agent permanent de l'État au poste d'emploi de même niveau.</p> <p>En l'absence d'un poste d'emploi de même niveau dans la fonction publique, le salaire et les avantages alloués à l'agent de l'État régi par un contrat de travail sont déterminés par l'organe de l'État qui a l'intention d'employer</p>
--	---	---

<p>rumaze kugisha inama Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Imicungire y’umukozi ugengwa n’amasezerano</u></p> <p>Umukozi wa Leta ugengwa n’amasezerano y’umurimo mu butegetsi bwa Leta acungwa hakurikijwe ibiteganywa n’itegeko rigenga umurimo mu Rwanda.</p> <p>Icyakora, umukozi wa Leta ugengwa n’amasezerano mu butegetsi bwa Leta acungwa hakurikijwe ibiteganywa n’amategeko agenga abakozi ba Leta bakora ku buryo buhoraho, kuri ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° uburyo bwo gushaka abakozi ba Leta; 2° amahugurwa y’umukozi utangiye akazi; 3° amahugurwa; 4° amasaha y’akazi; 5° uburyo bw’imicungire y’imihigo; 6° gutizwa; 	<p>public servant, after consultation with the Ministry in charge of public service.</p> <p><u>Article 8: Management of contractual staff</u></p> <p>A public servant governed by an employment contract in public service is managed in accordance with the Law regulating labour in Rwanda.</p> <p>However, a public servant governed by an employment contract in public service is managed in accordance with laws governing permanent public servants on the following matters:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° recruitment of public servants; 2° induction program; 3° training; 4° working hours; 5° performance management; 6° secondment; 	<p>cet agent de l’État, après consultation du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p><u>Article 8 : Gestion d’un agent contractuel</u></p> <p>L’agent de l’État régi par un contrat de travail dans la fonction publique est géré conformément à la loi portant réglementation du travail au Rwanda.</p> <p>Toutefois, l’agent de l’État régi par un contrat de travail dans la fonction publique est géré conformément aux lois régissant les agents permanents de l’État en ce qui concerne les matières suivantes:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° le recrutement des agents de l’État ; 2° la formation préparatoire; 3° la formation; 4° les heures de travail ; 5° la gestion de performance; 6° le détachement ;
---	--	--

<p>7° gusigariraho undi mukozi wa Leta;</p> <p>8° ubutumwa bw'akazi imbere mu Gihugu no mu mahanga;</p> <p>9° imyitwarire mbonezamarimo n'uburyo bwo gukurikirana amakosa no gutanga ibihano ku makosa yo mu rwego rw'akazi;</p> <p>10° gushyirwa ku rutonde rw'abatemerewe gukora akazi mu Butegetsi bwa Leta n'ihanagurabusembwa;</p> <p>11° amafaranga y'impozamarira n'amafaranga y'ishyamba.</p> <p>Ku mukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo utijwe cyangwa uri mu busigire, igihe cy'itwaza cyangwa cy'ubusigire ntigishobora kurenza igihe gisigaye kugira ngo amasezerano ye y'umurimo arangire.</p>	<p>7° acting for another public servant;</p> <p>8° official missions inside the country and abroad;</p> <p>9° professional ethics, modalities for disciplinary proceedings, faults and disciplinary sanctions;</p> <p>10° blacklisting and rehabilitation;</p> <p>11° death allowance and funeral indemnity.</p> <p>For a public servant governed by an employment contract who is on secondment or in an acting position, the secondment or the acting period does not exceed the remaining duration of his or her employment contract.</p>	<p>7° assurer l'intérim pour un autre agent de l'État ;</p> <p>8° les missions à l'intérieur du pays et à l'étranger ;</p> <p>9° l'éthique professionnelle, les modalités de la procédure disciplinaire, les fautes et les sanctions disciplinaires ;</p> <p>10° l'enregistrement sur la liste noire et la réhabilitation ;</p> <p>11° les indemnités de décès et les frais funéraires.</p> <p>Pour un agent de l'État régi par un contrat de travail qui est en détachement ou qui assure l'interim, la période de détachement ou d'intérim ne dépasse pas la durée restante de son contrat de travail.</p>
---	--	--

UMUTWE WA III: AMASAHA Y'AKAZI MU CYUMWERU	CHAPTER III: WEEKLY WORKING HOURS	CHAPITRE III : HEURES DE TRAVAIL HEBDOMADAIRE
<p><u>Ingingo ya 9:</u> Amasaha y'akazi mu cyumweru</p>	<p><u>Article 9:</u> Weekly working hours</p>	<p><u>Article 9 :</u> Heures de travail hebdomadaire</p>
<p>Amasaha y'akazi mu cyumweru ku bakozi ba Leta ni amasaha mirongo ine n'atanu (45) akorwa kuva ku wa Mbere kugera ku wa Gatanu.</p>	<p>The weekly working hours for public servants are forty-five (45) hours worked from Monday to Friday.</p>	<p>Les heures de travail hebdomadaire pour les agents de l'État sont fixées à quarante-cinq (45) heures effectuées du lundi au vendredi.</p>
<p>Amasaha y'akazi ku munsu ni amasaha icyenda (9), akorwa kuva saa moya za mu gitondo (7:00) kugeza saa kumi n'imwe z'umugoroba (17:00), harimo ikiruhuko cy'isaha imwe (1) gitangira saa sita z'amanywa (12:00) kikarangira saa saba z'amanywa (13:00).</p>	<p>Daily working hours are nine (9) hours worked from 7:00 am to 5:00 pm with a break time of one (1) hour starting from 12:00 noon up to 1:00 pm.</p>	<p>Les heures de travail journalier sont fixées à neuf (9) heures, effectuées de sept heures (7:00) à dix-sept heures (17:00) avec une pause d'une (1) heure qui commence à partir de douze heures (12:00) à treize heures (13:00).</p>
<p>Icyakora:</p>	<p>However:</p>	<p>Toutefois :</p>
<p>1° bitewe n'impamvu z' akazi, ikiruhuko cy'isaha imwe (1) gishobora gufatwa nyuma ya saa sita z'amanywa (12:00);</p>	<p>1° due to work related reasons, break time of one (1) hour may be taken after 12:00 pm;</p>	<p>1° pour des raisons professionnelles, une pause d'une (1) heure peut être prise après midi (12:00) ;</p>
<p>2° bitewe n'imiterere yihariye y'akazi no mu rwego rwo kurushaho kunoza itangwa rya serivisi, urwego rwa Leta rushobora kugena ukundi ingengabihe y'amasaha y'akazi, rukabimenyesha</p>	<p>2° depending on the specific nature of the work and in order to improve service delivery, a State organ may set a working timetable in another way, in</p>	<p>2° en fonction de la nature spécifique du travail et pour améliorer la prestation de services, un organe de l'État peut établir un horaire de travail différent, auquel cas il en informe le Ministère</p>

<p>Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano.</p> <p>Amasaha y’akazi ya buri wa Gatanu guhera saa cyenda z’amanywa (15:00) kugeza saa kumi n’imwe (17:00) akorwamo siporo.</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Ikoreshwa ry’amasaha y’akazi</p> <p>Umukozi wa Leta akoresha ingengabihe y’amasaha y’akazi yaje ku biro by’urwego akorera cyangwa ahandi umurimo ukorerwa.</p> <p>Icyakora, umukozi wa Leta ashobora gukorera mu rugo cyangwa ahandi hantu abyemerewe mu nyandiko n’umuyobozi wo ku rwego rwa mbere.</p> <p>Ibi bikurikira bigomba kubahirizwa kugira ngo umukozi wa Leta yemererwe gukorera mu rugo cyangwa ahandi:</p> <p>1° gukora isuzuma ry’imiterere y’akazi na servisi umukozi atanga niba byakorerwa mu rugo cyangwa ahandi, rikemezwa n’umuyobozi w’urwego akorera mbere yo guhabwa uruhushya;</p>	<p>which case it informs thereof the Ministry in charge of public service.</p> <p>Working hours of every Friday from 3:00 pm to 5:00 pm are reserved to sport activities.</p> <p><u>Article 10:</u> Use of working hours</p> <p>A public servant uses the time table of working hours when the public servant is at office of the organ for which he or she works or at another workplace.</p> <p>However, a public servant may work from home or from any other place upon written authorisation by the immediate supervisor.</p> <p>The following conditions must be respected for a public servant to be authorised to work from home or from any other place:</p> <p>1° to carry out an analysis of the nature of the work and services of a public servant if they can be offered from home or any other place, to be</p>	<p>ayant la fonction publique dans ses attributions.</p> <p>Les heures de travail de chaque vendredi de quinze heures (15:00) à dix-sept heures (17:00) sont réservées aux activités sportives.</p> <p><u>Article 10 :</u> Utilisation des heures de travail</p> <p>Un agent de l’État utilise l’horaire des heures de travail lorsqu’il se trouve au bureau de l’organe pour lequel il travaille ou à un autre lieu de travail.</p> <p>Toutefois, un agent de l’État peut travailler à domicile ou à partir d’un autre lieu sur autorisation écrite de son supérieur au premier degré.</p> <p>Les conditions suivantes doivent être respectées pour qu’un agent de l’État soit autorisé à travailler à domicile ou en tout autre lieu :</p> <p>1° faire une analyse de la nature du travail et des services offerts par l’agent de l’État, s’ils peuvent être offerts à domicile ou en tout autre lieu, qui doit</p>
--	---	--

<p>2° guha umukozi ibikoresho bimworohera gukomeza gutanga serivisi yatangaga;</p> <p>3° umukozi wa Leta agomba gukoresha amasaha y’akazi mu nyungu z’akazi;</p> <p>4° umukozi wa Leta agomba gutanga ku gihe raporo igaragaza umusaruro wagezweho;</p> <p>5° umukozi wa Leta agomba kuboneka kuri telefoni, imeyili n’igihe cyose akenewe n’umuyobozi cyangwa umukeneyeho serivisi mu masaha y’akazi.</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Uburyo bwo kugenzura iyubahirizwa ry’amasaha y’akazi</p> <p>Buri rwego rwa Leta rugenzura uko abakozi ba Leta bubahiriza amasaha y’akazi mu gutanga serivisi no kugera ku musaruro ubategerejweho.</p>	<p>approved by the head of the employing organ before the authorisation;</p> <p>2° to provide the public servant with necessary equipment in order to facilitate the continuity of service provision;</p> <p>3° the public servant must use working hours in the interest of service;</p> <p>4° the public servant must provide a timely a report of achieved results.</p> <p>5° the public servant must be available on telephone, email and whenever his or her supervisor or the service beneficiary needs him or her during working hours.</p> <p><u>Article 11:</u> Modalities of monitoring the compliance with working hours</p> <p>Every State organ monitors the use of working hours by public servants for service delivery and attainment of the expected results.</p>	<p>être approuvé par le chef de l’organe employeur avant l’autorisation;</p> <p>2° fournir à l’agent de l’État les équipements nécessaires pour faciliter la continuité de la prestation de services ;</p> <p>3° l’agent de l’État doit utiliser les heures de travail dans l’intérêt du service ;</p> <p>4° l’agent de l’État doit fournir, en temps opportun, un rapport de résultats ;</p> <p>5° l’agent de l’État doit être disponible par téléphone, email et à tout moment chaque fois que son superviseur ou le bénéficiaire de service a besoin de lui pendant les heures de travail.</p> <p><u>Article 11 :</u> Modalités de contrôle du respect des heures du travail</p> <p>Chaque organe de l’État contrôle l’utilisation des heures de travail par les agents de l’État pour la prestation de services et la réalisation des résultats attendus.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 12: Amasaha y’akazi y’ikirenga</u></p> <p>Umukozi wa Leta wakoze amasaha y’ikirenga mu nyungu z’akazi byemejwe n’umuyobozi we ku rwego rwa mbere, agira uburenganzira bwo guhabwa amasaha y’ikiruhuko angana n’amasaha y’ikirenga yakozemo akazi. icyo kiruhuko kigira agaciro kandi kigafatwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) kubarwa uherye igihe gukora amasaha y’ikirenga byabereye.</p> <p>Kwishyura amasaha y’ikirenga mu mafaranga birabujijwe mu butegetsi bwa Leta.</p>	<p><u>Article 12: Overtime work</u></p> <p>A public servant who carries out overtime work in the interest of service as approved by the immediate supervisor, has the right to be given a compensatory rest equal to hours spent on overtime work. Such rest time is valid and taken within a period not exceeding one (1) month starting from the date of overtime work.</p> <p>Monetary compensation for overtime work is prohibited in public service.</p>	<p><u>Article 12 : Heures supplémentaires</u></p> <p>Un agent de l’État qui effectue des heures supplémentaires dans l’intérêt du service telles qu’approuvées par le supérieur au premier degré, a droit à un repos compensatoire équivalent aux heures supplémentaires prestées. Ce repos est valable et pris dans un délai ne dépassant pas un (1) mois à compter de la date à laquelle les heures supplémentaires ont été effectuées.</p> <p>La compensation monétaire pour les heures supplémentaires est interdite dans la fonction publique.</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: INGINGO ISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 13: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y’u Rwanda.</p>	<p><u>CHAPTER IV : FINAL PROVISION</u></p> <p><u>Article 13 : Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>CHAPITRE IV : DISPOSITION FINALE</u></p> <p><u>Article 13 : Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>

Kigali, 30/08/2022

(Sé)

RWANYINDO KAYIRANGWA Fanfan
Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo
Minister of Public Service and Labour
Ministre de la Fonction Publique et du Travail

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(Sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 02/MIFOTRA/22 RYO KU WA 30/08/2022 RYEREKEYE UMUTEKANO KU KAZI, INZEGO ZIHAGARARIRA ABAKOZI N'ABAKORESHA, UMURIMO W'UMWANA, UMURIMO W'UMUNYAMAHANGA N'IKIRUHUKO CY'INGOBOKA,</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 02/MIFOTRA/22 OF 30/08/2022 ON OCCUPATIONAL SAFETY, EMPLOYEES' AND EMPLOYERS' ORGANISATIONS, CHILD EMPLOYMENT, EMPLOYMENT OF A FOREIGNER, THE CHILD AND CIRCUMSTANTIAL LEAVE</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 02/MIFOTRA/22 DU 30/08/2022 RELATIF À LA SÉCURITÉ AU TRAVAIL, AUX ORGANISATIONS DES TRAVAILLEURS ET DES EMPLOYEURS, AU TRAVAIL DE L'ENFANT, À L'EMPLOI D'UN ÉTRANGER ET AU CONGÉ DE CIRCONSTANCE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p>	<p><u>Article premier : Objet du présent arrêté</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 2: Definitions</u></p>	<p><u>Article 2 : Définitions</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II: UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI</u></p>	<p><u>CHAPTER II: OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : SANTÉ ET SÉCURITÉ AU TRAVAIL</u></p>
<p><u>Icyiciro cya mbere: Ibigomba kubahirizwa muri rusange bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p>	<p><u>Section One: General occupational health and safety conditions</u></p>	<p><u>Section première : Conditions générales de santé et de sécurité au travail</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3: Inshingano z'umukoresha</u></p>	<p><u>Article 3: Obligations of an employer</u></p>	<p><u>Article 3 : Obligations d'un employeur</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Inshingano z'umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo</u></p>	<p><u>Article 4: Obligations of an employee, intern or apprentice</u></p>	<p><u>Article 4 : Obligations d'un employé, d'un stagiaire ou d'un apprenti</u></p>

<p><u>Ingingo ya 5:</u> Inshingano z’uwikorera</p> <p><u>Ingingo ya 6:</u> Igenzura ryerekeye ubuzima n’umutekano ku kazi</p> <p><u>Ingingo ya 7:</u> Kwanga gukorera ahantu hashobora guteza ibyago</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Kurinda ibimenyetso by’ahabereye impanuka ikomoka ku kazi</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Ibikoresho byo kurinda umuntu impanuka</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Inzira z’abantu bafite ubumuga</p> <p><u>Ingingo ya 11:</u> Umutekano mu gukoresha imashini n’ibindi bikoresho</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Ibyuma byagenewe kuzamura imitwaro cyangwa abantu</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Gukumira no kurwanya inkongi y’umuriro</p> <p><u>Ingingo ya 14:</u> Kurinda abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo ibikomoka ku butabire</p>	<p><u>Article 5:</u> Obligations of a self-employed person</p> <p><u>Article 6:</u> Occupational health and safety risks assessment</p> <p><u>Article 7:</u> Refusal to work in a dangerous workplace</p> <p><u>Article 8:</u> Preservation of evidence on the scene of the occupational hazard</p> <p><u>Article 9:</u> Personal protective equipment</p> <p><u>Article 10:</u> Passage for persons with disabilities</p> <p><u>Article 11:</u> Safe use of machinery and other equipment</p> <p><u>Article 12:</u> Hoists or lifts</p> <p><u>Article 13:</u> Fire prevention and fighting</p> <p><u>Article 14:</u> Protection of employees, interns or apprentices against chemical products</p>	<p><u>Article 5 :</u> Obligations d’un travailleur indépendant</p> <p><u>Article 6 :</u> Évaluation des risques de santé et de sécurité au travail</p> <p><u>Article 7 :</u> Refus de travailler dans un lieu de travail dangereux</p> <p><u>Article 8 :</u> Préservation des preuves sur le lieu d’un accident de travail</p> <p><u>Article 9 :</u> Équipement de protection individuelle</p> <p><u>Article 10 :</u> Passage pour les personnes handicapées</p> <p><u>Article 11 :</u> Sécurité d’utilisation des machines et autre équipement</p> <p><u>Article 12 :</u> Appareils de levage ou ascenseurs</p> <p><u>Article 13 :</u> Prévention et lutte contre l’incendie</p> <p><u>Article 14 :</u> Protection des employés, des stagiaires ou des apprentis contre les produits chimiques</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 15:</u> Ahantu hafunganye</p> <p><u>Ingingo ya 16:</u> Gusuzumwa na muganga kw'abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo</p> <p><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bw'ishyirwaho rya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu kigo cy'abikorera n'imikorere yayo</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu kigo cy'abikorera</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu rwego rwa Leta</p> <p><u>Ingingo ya 19:</u> Manda y'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</p> <p><u>Ingingo ya 20:</u> Kumanika ahagaragara urutonde rw'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</p> <p><u>Ingingo ya 21:</u> Inshingano za komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</p> <p><u>Ingingo ya 22:</u> Raporo y'igihembwe</p>	<p><u>Article 15:</u> Confined space</p> <p><u>Article 16:</u> Medical checkup for employees, interns or apprentices</p> <p><u>Section 2:</u> Modalities of establishment of the occupational health and safety committee in a private enterprise and its functioning</p> <p><u>Article 17:</u> Members of an occupational health and safety committee in a private enterprise</p> <p><u>Article 18:</u> Members of an occupational health and safety committee in a State organ</p> <p><u>Article 19:</u> Term of office of members of an occupational health and safety committee</p> <p><u>Article 20:</u> Display of the list of members of an occupational health and safety committee</p> <p><u>Article 21:</u> Responsibilities of an occupational health and safety committee</p> <p><u>Article 22:</u> Quarterly report</p>	<p><u>Article 15 :</u> Espace confiné</p> <p><u>Article 16 :</u> Contrôle médical des employés, des stagiaires ou des apprentis</p> <p><u>Section 2 :</u> Modalités de mise en place du comité de santé et de sécurité au travail dans une entreprise privée et son fonctionnement</p> <p><u>Article 17 :</u> Membres d'un comité de santé et de sécurité au travail dans une entreprise privée</p> <p><u>Article 18 :</u> Membres d'un comité de santé et de sécurité au travail dans une organe de l'État</p> <p><u>Article 19 :</u> Mandat des membres d'un comité de santé et de sécurité au travail</p> <p><u>Article 20 :</u> Affichage de la liste des membres du comité de santé et de sécurité au travail</p> <p><u>Article 21 :</u> Attributions d'un comité de santé et de sécurité au travail</p> <p><u>Article 22 :</u> Rapport trimestriel</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 23:</u> Amahugurwa ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</p>	<p><u>Article 23:</u> Training for occupational health and safety committee</p>	<p><u>Article 23 :</u> Formation pour le comité de santé et de sécurité au travail</p>
<p><u>Ingingo ya 24:</u> Inama ya komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi</p>	<p><u>Article 24:</u> Meeting of an occupational health and safety committee</p>	<p><u>Article 24 :</u> Réunion d'un comité de santé et de sécurité au travail</p>
<p><u>Ingingo ya 25:</u> Igitabo cy'amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi</p>	<p><u>Article 25:</u> Register of an occupational health and safety</p>	<p><u>Article 25 :</u> Registre de la santé et de la sécurité au travail</p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Gukurikirana imikorere ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</p>	<p><u>Article 26:</u> Monitoring of functioning of an occupational health and safety committee</p>	<p><u>Article 26 :</u> Suivi du fonctionnement d'un comité de santé et de sécurité au travail</p>
<p><u>UMUTWE WA III: KWANDIKISHA INZEGO ZIHAGARARIRA ABAKOZI N'IZIHAGARARIRA ABAKORESHA</u></p>	<p><u>CHAPTER III: REGISTRATION OF EMPLOYEES' ORGANISATIONS AND EMPLOYERS' ORGANISATIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : ENREGISTREMENT DES ORGANISATIONS DES TRAVAILLEURS ET DES ORGANISATIONS DES EMPLOYEURS</u></p>
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Kwandika urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p>	<p><u>Article 27:</u> Registration of an employees' organisation or employers' organisation</p>	<p><u>Article 27 :</u> Enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u> Ibisabwa mu kwandikisha urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p>	<p><u>Article 28:</u> Conditions for registration of an employees' organisation or employers' organisation</p>	<p><u>Article 28 :</u> Conditions requises pour l'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p>
<p><u>Ingingo ya 29:</u> Umubare w'abanyamuryango usabwa mu kwandikisha urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p>	<p><u>Article 29:</u> Required number of members to register an employees' organisation or employers' organisation</p>	<p><u>Article 29 :</u> Nombre requis des membres pour l'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p>

<p><u>Ingingo ya 30:</u> Igihe cyo gusubiza ubusabe bwo kwandikisha urwego ruhagararira abakozi cyangwa urwego ruhagararira abakoresha</p>	<p><u>Article 30:</u> Time frame for responding to the request for registration of an employees' organisation or employers' organisation</p>	<p><u>Article 30 :</u> Délai de réponse à la demande d'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p>
<p><u>Ingingo ya 31:</u> Impamvu zo kwanga kwandika urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p>	<p><u>Article 31:</u> Reasons for refusal of registration of an employees' organisation or employers' organisation</p>	<p><u>Article 31 :</u> Motifs de refus d'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p>
<p><u>Ingingo ya 32:</u> Ibikubiye mu mategeko shingiro</p>	<p><u>Article 32:</u> Contents of the statutes</p>	<p><u>Article 32 :</u> Contenu des statuts</p>
<p><u>Ingingo ya 33:</u> icyemezo cy'iyandikwa</p>	<p><u>Article 33:</u> Certificate of registration</p>	<p><u>Article 33 :</u> Certificat d'enregistrement</p>
<p><u>Ingingo ya 34:</u> Kwambura icyemezo cy'iyandikwa</p>	<p><u>Article 34:</u> Withdrawal of a certificate of registration</p>	<p><u>Article 34 :</u> Retrait du certificat d'enregistrement</p>
<p><u>Ingingo ya 35:</u> Guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa</p>	<p><u>Article 35:</u> Suspension of certificate of registration</p>	<p><u>Article 35 :</u> Suspension d'un certificat d'enregistrement</p>
<p><u>Ingingo ya 36:</u> Kuregera urukiko</p>	<p><u>Article 36:</u> Petitioning the court</p>	<p><u>Article 36 :</u> Saisir la juridiction</p>
<p><u>Ingingo ya 37:</u> Inzego zisanzwe ziriho</p>	<p><u>Article 37:</u> Existing organisations</p>	<p><u>Article 37 :</u> Organisations en place</p>
<p><u>UMUTWE WA IV: IMIRIMO IBUJIJWE KU MWANA N'IYOROHEJE UMWANA YEMEREWE GUKORA</u></p>	<p><u>CHAPTER IV: PROHIBITED WORKS AND LIGHT WORKS FOR A CHILD</u></p>	<p><u>CHAPITRE IV : TRAVAUX INTERDITS ET TRAVAUX LÉGERS POUR UN ENFANT</u></p>
<p><u>Ingingo ya 38:</u> Urutonde rw'imirimo ibujijwe ku mwana</p>	<p><u>Article 38:</u> List of prohibited works for a child</p>	<p><u>Article 38 :</u> Liste des travaux interdits pour un enfant</p>

<p><u>Ingingo ya 39:</u> Urutonde rw'imirimo yoroheje ku mwana</p> <p><u>UMUTWE WA V:</u> IMIKORERE Y'AKAZI KU MUKOZI W'UMUNYAMAHANGA MU RWANDA</p> <p><u>Ingingo ya 40:</u> Ibisabwa umukoresha ushaka gukoresha umukozi w'umunyamahanga</p> <p><u>Ingingo ya 41:</u> Ishyirwaho ry'urutonde rw'imirimo ikenewe irebana n'ubumenyi bwihariye</p> <p><u>Ingingo ya 42:</u> Uburyo bwo kugenzura isoko ry'umurimo</p> <p><u>Ingingo ya 43:</u> Ibisabwa mu gushaka umukozi w'umunyamahanga nyuma yo kugenzura isoko ry'umurimo</p> <p><u>Ingingo ya 44:</u> Ibisabwa kugira ngo umukozi w'umunyamahanga ajye mu mwanya uri mu masezerano</p> <p><u>Ingingo ya 45:</u> Gukoresha umukozi w'umunyamahanga kubera inyungu rusange</p>	<p><u>Article 39:</u> List of light works for a child</p> <p><u>CHAPTER V:</u> EMPLOYMENT OF A FOREIGN EMPLOYEE IN RWANDA</p> <p><u>Article 40:</u> Requirements for an employer who intends to employ a foreign employee</p> <p><u>Article 41:</u> Establishment of an occupation in demand list</p> <p><u>Article 42:</u> Procedures for conducting labour market testing</p> <p><u>Article 43:</u> Requirements for recruiting a foreign employee after labour market testing</p> <p><u>Article 44:</u> Requirements for a foreign employee to occupy a position specified in an agreement</p> <p><u>Article 45:</u> Employment of a foreign employee due to public interest</p>	<p><u>Article 39 :</u> Liste des travaux légers pour un enfant</p> <p><u>CHAPITRE V :</u> EMPLOI D'UN TRAVAILLEUR ÉTRANGER AU RWANDA</p> <p><u>Article 40 :</u> Conditions requises pour un employeur qui désire employer un travailleur étranger</p> <p><u>Article 41 :</u> Mise en place d'une liste des métiers en tension</p> <p><u>Article 42 :</u> Procédures d'effectuer un test du marché du travail</p> <p><u>Article 43 :</u> Conditions requises pour recruter un travailleur étranger après le test du marché du travail</p> <p><u>Article 44 :</u> Conditions requises pour qu'un travailleur étranger occupe un poste figurant dans un accord</p> <p><u>Article 45 :</u> Employer un travailleur étranger pour des raisons d'intérêt public</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 46:</u> Ibisabwa kugira ngo umukozi w’umunyamahanga watijwe cyangwa wimuwe akorere mu Rwanda</p>	<p><u>Article 46:</u> Requirements for a foreign employee under secondment or transfer to work in Rwanda</p>	<p><u>Article 46 :</u> Conditions requises pour qu’un travailleur étranger travaille au Rwanda en raison d’un détachement ou d’une mutation</p>
<p><u>Ingingo ya 47:</u> Inshingano z’umukoresha iyo umukozi w’umunyamahanga atangiye umurimo</p>	<p><u>Article 47:</u> Obligations of an employer upon foreign employee’s commencement of work</p>	<p><u>Article 47 :</u> Obligations d’un employeur lorsque le travailleur étranger commence l’emploi</p>
<p><u>Ingingo ya 48:</u> Inshingano z’umukoresha iyo amasezerano y’umukozi w’umunyamahanga asheshwe cyangwa arangiye</p>	<p><u>Article 48:</u> Obligations of an employer upon termination or expiry of contract of a foreign employee</p>	<p><u>Article 48 :</u> Obligations d’un employeur en cas de résiliation ou d’expiration du contrat d’un travailleur étranger</p>
<p><u>Ingingo ya 49:</u> Gutanga ubumenyi</p>	<p><u>Article 49:</u> Skills transfer</p>	<p><u>Article 49 :</u> Transfert de compétences</p>
<p><u>Ingingo ya 50:</u> Uburyo bwo gutegura gahunda yo gutanga ubumenyi</p>	<p><u>Article 50:</u> Modalities for preparation of a plan for skills transfer</p>	<p><u>Article 50 :</u> modalités de préparation d’un plan de transfert des compétences</p>
<p><u>Ingingo ya 51:</u> Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa</p>	<p><u>Article 51:</u> Monitoring of implementation</p>	<p><u>Article 51 :</u> Suivi de la mise en exécution</p>
<p><u>UMUTWE WA VI: IBIRUHUKO BY’INGOBOKA</u></p>	<p><u>CHAPTER VI: CIRCUMSTANTIAL LEAVES</u></p>	<p><u>CHAPITRE VI : CONGÉS DE CIRCONSTANCE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 52:</u> Ikiruhuko cy’ingoboka</p>	<p><u>Article 52:</u> Circumstantial leave</p>	<p><u>Article 52 :</u> Congé de circonstance</p>
<p><u>Ingingo ya 53:</u> Ikiruhuko gihabwa umukozi w’igitsina gore wabyaye umwana upfuye cyangwa wabyaye umwana agapfa nyuma yo kuvuka</p>	<p><u>Article 53:</u> Leave granted to a female employee who gives birth to a stillborn baby or whose child dies after birth</p>	<p><u>Article 53 :</u> Congé accordé à un travailleur de sexe féminin dont l’enfant est mort-né ou dont le nouveau-né meurt après sa naissance</p>

<p><u>Ingingo ya 54:</u> Ikiruhuko gihabwa umukozi igihe inda yavuyemo</p>	<p><u>Article 54:</u> Leave granted to an employee in case of miscarriage</p>	<p><u>Article 54 :</u> Congé accordé à un travailleur en cas de fausse couche</p>
<p><u>Ingingo ya 55:</u> Ikiruhuko gihabwa umukozi ubyaye umwana igihe cyo kuvuka kitaragera</p>	<p><u>Article 55:</u> Leave granted to an employee who gives birth to a premature baby</p>	<p><u>Article 55 :</u> Congé accordé à un travailleur en cas d'accouchement d'un bébé prématuré</p>
<p><u>Ingingo ya 56:</u> Igihe cyo gutanga ikiruhuko cy'ingoboka</p>	<p><u>Article 56:</u> Period for granting circumstantial leave</p>	<p><u>Article 56 :</u> Période d'octroi du congé de circonstance</p>
<p><u>Ingingo ya 57:</u> Gusaba ikiruhuko cy'ingoboka</p>	<p><u>Article 57:</u> Request for circumstantial leave</p>	<p><u>Article 57 :</u> Demande du congé de circonstance</p>
<p><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u></p>	<p><u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 58:</u> Ingingo ikuraho</p>	<p><u>Article 58:</u> Repealed provision</p>	<p><u>Article 58 :</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 59:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 59:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 59 :</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 02/MIFOTRA/22 RYO KU WA 30/08/2022 RYEREKEYE UMUTEKANO KU KAZI, INZEGO ZIHAGARARIRA ABAKOZI N’ABAKORESHYA, UMURIMO W’UMWANA, UMURIMO W’UMUNYAMAHAHANGA N’IKIRUHUKO CY’INGOBOKA</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 02/MIFOTRA/22 OF 30/08/2022 ON OCCUPATIONAL SAFETY, EMPLOYEES’ AND EMPLOYERS’ ORGANISATIONS, CHILD EMPLOYMENT, EMPLOYMENT OF A FOREIGNER, THE CHILD AND CIRCUMSTANTIAL LEAVE</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 02/MIFOTRA/22 DU 30/08/2022 RELATIF À LA SÉCURITÉ AU TRAVAIL, AUX ORGANISATIONS DES TRAVAILLEURS ET DES EMPLOYEURS, AU TRAVAIL DE L’ENFANT, À L’EMPLOI D’UN ÉTRANGER ET AU CONGÉ DE CIRCONSTANCE</p>
<p>Minisitiri w’Abakozi ba Leta n’Umurimo;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavugururwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n’iya 176;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta nk’uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 9 n’iya 63;</p> <p>Ashingiye ku Itegeko n° 66/2018 ryo ku wa 30/08/2018 rigenga umurimo cyane cyane mu ngingo zaryo iya 5, iya 6, iya 12, iya 51, iya 78, n’iya 85;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 01/Mifotra/15 ryo ku wa 15/01/2015 rigena ishyirwaho rya komite z’ubuzima</p>	<p>The Minister of Public Service and Labour;</p> <p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p> <p>Pursuant to Law n° 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants as amended to date, especially in Articles 9 and 63;</p> <p>Pursuant to Law n° 66/2018 of 30/08/2018 regulating Labour in Rwanda, especially in Articles 5, 6, 12, 51, 78 and 85;</p> <p>Having reviewed the Ministerial Order n° 01/Mifotra/15 of 15/01/2015 determining modalities of establishing and functioning of</p>	<p>Le Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;</p> <p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176 ;</p> <p>Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l’État telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 9 et 63 ;</p> <p>Vu la loi n° 66/2018 du 30/08/2018 portant réglementation du travail au Rwanda, spécialement en ses articles 5, 6, 12, 51, 78 et 85 ;</p> <p>Revu l’Arrêté Ministériel n° 01/Mifotra/15 du 15/01/2015 déterminant les modalités de mise</p>

<p>n'umutekano ku kazi n'imikorere yazo;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 02 ryo ku wa 17/05/2012 rigena ibigomba kubahirizwa birebana n'ubuzima n'umutekano ku kazi;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 03 ryo ku wa 13/07/2010 rigena ibiruhuko by'ingoboka;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 06 ryo ku wa 13/07/2010 rishyiraho urutonde n'imiterere y'imirimo mibi ku bana, ibyiciro by'ibigo bibujijwe kubakoresha hamwe n'ingamba zo kubirwanya;</p> <p>Asubiye ku Iteka rya Minisitiri n° 11 ryo ku wa 07/09/2010 rigena uburyo n'ibisabwa mu kwandikisha amasendika cyangwa amashyirahamwe y'abakoresha;</p> <p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 29/07/2022 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p> <p>ATEGETSE:</p>	<p>occupational health and safety committees;</p> <p>Having reviewed the Ministerial Order n° 02 of 17/ 05/2012 determining conditions for occupational health and safety;</p> <p>Having reviewed the Ministerial Order n° 03 of 13/07/2010 determining circumstantial leaves;</p> <p>Having reviewed the Ministerial Order n° 06 of 13/07/2010 determining the list of worst forms of child labour, their nature, categories of institutions that are not allowed to employ them and their prevention mechanisms;</p> <p>Having reviewed Ministerial Order n° 11 of 07/09/2010 determining the modalities and requirements for the registration of trade unions or employers' professional organisations;</p> <p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 29/07/2022;</p> <p>ORDERS:</p>	<p>en place et fonctionnement des comités de santé et sécurité au travail ;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 02 du 17/05/2012 déterminant les conditions relatives à la santé et sécurité du travail ;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 03 du 13/07/2010 déterminant les congés de circonstance ;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 06 du 13/07/2010 déterminant la liste et nature des pires formes du travail des enfants, les catégories d'entreprise interdites aux enfants et les mécanismes de leur prévention ;</p> <p>Revu l'Arrêté Ministériel n° 11 du 07/09/2010 déterminant les conditions et modalités d'enregistrement des syndicats et des organisations patronales ;</p> <p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 29/07/2022;</p> <p>ARRÊTE :</p>
--	--	---

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS	CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS GÉNÉRALES
<u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u>	<u>Article One: Purpose of this Order</u>	<u>Article premier : Objet du présent arrêté</u>
Iri teka rigena –	This Order determines –	Le présent arrêté détermine –
1 ° ibigomba kubahirizwa muri rusange mu bijyanye n’ubuzima n’umutekano ku kazi mu nzego za Leta n’iz’abikorera;	1 ° the general occupational health and safety conditions in public service and private sector;	1 ° les conditions générales de santé et de sécurité au travail dans la fonction publique et dans le secteur privé;
2 ° uburyo n’ibisabwa mu kwandikisha inzego zihagararira abakozi cyangwa zihagararira abakoresha;	2 ° modalities and conditions for registration of employees’ organisations or employers’ organisations;	2 ° les modalités et les conditions requises pour l’enregistrement des organisations des travailleurs ou des organisations des employeurs ;
3 ° imirimo ibujijwe ku mwana uri hagati y’imyaka cumi n’itatu (13) na cumi n’itanu (15) ukora mu nzego za Leta cyangwa iz’abikorera n’imirimo yoroheje ashobora gukora mu nzego z’abikorera;	3 ° prohibited works for a child aged between thirteen (13) and fifteen (15) years working in public service or private sector and light works that the child may perform in private sector;	3 ° les travaux interdits à un enfant de treize (13) ans à quinze (15) ans travaillant dans la fonction publique ou dans le secteur privé et les travaux légers qu’un enfant peut faire dans le secteur privé ;
4 ° imikorere y’akazi ku mukozi w’umunyamahanga mu Rwanda;	4 ° the employment of a foreign employee in Rwanda; and	4 ° l’emploi d’un travailleur étranger au Rwanda ; et
5 ° n’ibiruhuko by’ingoboka n’uburyo bitangwa ku bakozi bagengwa n’amasezerano y’umurimo.	5 ° circumstantial leaves and modalities for granting them for employees under employment contracts.	5 ° les congés de circonstance et les modalités de leur octroi pour les travailleurs sous contrat.

<p>Icyakora, ibiteganywa n’iri teka ku byerekeye imikorere y’akazi ku mukozi w’umunyamahanga mu Rwanda ntibireba umukozi w’umunyamahanga –</p> <p>1° ukora muri ambasade cyangwa mu muryango mpuzamahanga wegamiye kuri Leta ukorera mu Rwanda; cyangwa</p> <p>2° ukora mu Rwanda hashingiwe ku biteganywa n’Itegeko ryerekeye guteza imbere no korohereza ishoramari.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Ibisobanuro by’amagambo</u></p> <p>Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:</p> <p>1° umukozi w’umunyamahanga: umuntu ukorera mu Rwanda ariko udafite ubwenegihugu bw’u Rwanda–</p> <p>a. ukora cyangwa ushaka gukora umurimo uri ku rutonde rw’imirimo ikenewe ijyanye n’ubumenyi bwihariye mu Rwanda;</p>	<p>However, the provisions of this Order relating to employment of a foreign employee in Rwanda do not apply to a foreign employee who –</p> <p>1° works in an embassy or international government organisation operating in Rwanda; or</p> <p>2° who works in Rwanda on the basis of the provisions of law on investment promotion and facilitation.</p> <p><u>Article 2: Definitions</u></p> <p>In this Order, the following terms have the following meanings:</p> <p>1° foreign employee: a person who works in Rwanda but who does not hold the Rwandan nationality and who–</p> <p>a. occupies or seeking to occupy an occupation on occupation in demand list in Rwanda;</p>	<p>Toutefois, les dispositions du présent arrêté relatives à l’emploi d’un travailleur étranger au Rwanda ne s’appliquent pas au travailleur étranger qui –</p> <p>1° travaille dans une ambassade ou une organisation gouvernementale internationale exerçant ses activités au Rwanda ; ou;</p> <p>2° qui travaille au Rwanda sur base des dispositions de la loi relative à la promotion et à la facilitation des investissements.</p> <p><u>Article 2 : Définitions</u></p> <p>Dans le présent arrêté, les termes ci- après ont les significations suivantes :</p> <p>1° travailleur étranger : une personne qui travaille au Rwanda mais n’ayant pas la nationalité rwandaise et qui –</p> <p>a. occupe ou cherche à occuper un métier figurant sur la liste des métiers en tension au Rwanda ;</p>
---	---	---

<p>b. ukora umurimo washyizwe ku rutonde rw'imirimo iri mu masezerano y'uruja n'uruza rw'abashaka umurimo u Rwanda rufitanye n'ibindi bihugu cyangwa andi masezerano u Rwanda rwemeje burundu cyangwa rwashyizeho umukono;</p> <p>c. ukora umurimo mu Rwanda kubera ko umukoresha yabuze umukozi w'Umunyarwanda ufite ubumenyi bukenewe;</p> <p>d. ukora umurimo mu Rwanda kubera inyungu rusange; cyangwa</p> <p>e. ukora umurimo mu Rwanda kubera ko yatijwe cyangwa yimuwe n'isosiyete y'ubucuruzi mpuzamahanga cyangwa umuryango mpuzamahanga akorera.</p>	<p>b. occupies an occupation on the list of occupations that appear in an agreement on free movement of labour that Rwanda concluded with other countries or any other agreement ratified or signed by Rwanda;</p> <p>c. occupies an occupation in Rwanda because the employer fails to find a Rwandan employee with the required skills;</p> <p>d. occupies an occupation in Rwanda due to public interest; or</p> <p>e. occupies an occupation in Rwanda under secondment or transfer by a multilateral trading company or an international organisation for which he or she works.</p>	<p>b. occupe un métier figurant sur la liste des métiers qui apparaissent dans un accord sur la libre circulation de la main d'œuvre que le Rwanda a conclu avec d'autres pays ou tout autre accord ratifié ou signé par le Rwanda ;</p> <p>c. occupe un métier au Rwanda car l'employeur n'a pas trouvé un travailleur rwandais avec les compétences souhaitées ;</p> <p>d. occupe un métier au Rwanda en raison de l'intérêt public ; ou</p> <p>e. occupe un métier au Rwanda en raison d'un détachement ou d'une mutation effectué par une société commerciale multilatérale ou une organisation internationale pour laquelle elle travaille.</p>
<p>2° urutonde rw'imirimo ikenewe irebana n'ubumenyi bwihariye: urutonde rw'imirimo ijyanye n'ubumenyi butari cyangwa budahagije ku isoko ry'umurimo;</p> <p>3° kugenzura isoko ry'umurimo: uburyo umukoresha akoresha ashaka</p>	<p>2° occupation in demand list: a list of occupations for which skills are lacking or are in short supply on the labour market;</p> <p>3° labour market testing: a procedure carried out by an employer who</p>	<p>2° liste des métiers en tension : la liste des métiers pour lesquels les compétences manquent ou sont rares sur le marché du travail ;</p> <p>3° test du marché du travail : une procédure effectuée par un employeur à</p>

<p>umukozi w'Umunyarwanda wakora ku mwanya runaka, mbere yo gushaka umukozi w'umunyamahanga.</p> <p>UMUTWE WA II: UBUZIMA N'UMUTEKANO KU KAZI</p> <p>Icyiciro cya mbere: Ibigomba kubahirizwa muri rusange bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi</p> <p><u>Ingingo ya 3: Inshingano z'umukoresha</u></p> <p>Umukoresha afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kwita ku buzima, umutekano n'imibereho myiza by'aho abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo bakorera;</p> <p>2° guha abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo aho bakorera hameze neza n'ibikoresho bibarinda impanuka;</p> <p>3° kugenzura ko abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo bambara ibikoresho byagenewe kurinda indwara n'impanuka ku kazi kandi ko ibyo bikoresho bikorehwa</p>	<p>searches for a qualified Rwandan employee to occupy a given position before resorting to a foreign employee.</p> <p>CHAPTER II: OCCUPATIONAL HEALTH AND SAFETY</p> <p><u>Section One: General occupational health and safety conditions</u></p> <p><u>Article 3: Obligations of an employer</u></p> <p>An employer has the following obligations:</p> <p>1° to ensure health, safety and welfare of employees, interns or apprentices at workplace;</p> <p>2° to provide employees, interns or apprentices with suitable premises and tools for protecting them from hazards;</p> <p>3° to ensure that employees, interns or apprentices wear the necessary occupational health and safety protective equipment and that the equipment is used at appropriate time;</p>	<p>la recherche d'un travailleur rwandais qualifié pour occuper un poste donné avant de recourir à un travailleur étranger.</p> <p>CHAPITRE II : SANTÉ ET SÉCURITÉ AU TRAVAIL</p> <p><u>Section première : Conditions générales de santé et de sécurité au travail</u></p> <p><u>Article 3 : Obligations d'un employeur</u></p> <p>Un employeur a les obligations suivantes :</p> <p>1° assurer la santé, la sécurité et le bien-être des employés, des stagiaires ou des apprentis sur le lieu de travail ;</p> <p>2° mettre à la disposition des employés, des stagiaires ou des apprentis des locaux convenables et des outils pour les protéger contre les accidents ;</p> <p>3° s'assurer que les employés, les stagiaires ou les apprentis portent l'équipement de protection de la santé et de la sécurité au travail nécessaire et que l'équipement est utilisé au moment</p>
---	---	--

<p>neza mu gihe cya ngombwa;</p> <p>4° kugaragaza no gusesengura ibyago bishobora guterwa n'imiterere y'akazi;</p> <p>5° kugira agasanduku k'ubutabazi bw'ibanze karimo ibikoresho bihagije no guhugura abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo ku mikoreshereze yabyo;</p> <p>6° gushyiraho no kuvugurura mu buryo buhoraho gahunda y'ibiza ishingiyeye ku byago bishobora kuba ku kazi;</p> <p>7° guhugura abakozi ku byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi nibura rimwe mu mwaka;</p> <p>8° kumenyesha abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo ibyago bishobora guterwa n'ikorabuhanga rishya;</p> <p>9° gutegura, mu buryo bwumvikana no mu rurimi abakozi, abitoza n'abimenyereza umurimo bumva, inyandiko igaragaza uburyo bwo kwirinda no kuyishyira ahantu habugenewe;</p>	<p>4° to identify and analyse risks that may result from the nature of the work;</p> <p>5° to have a first aid kit with sufficient materials and train employees, interns or apprentices on how to use them;</p> <p>6° to put in place and regularly revise an emergency plan based on the potential risks at workplace;</p> <p>7° to train employees on occupational health and safety matters at work at least once a year;</p> <p>8° to inform employees, interns or apprentices about risks that may result from the use of new technologies;</p> <p>9° to prepare, in a clear and understandable language for employees, interns and apprentices, a written document indicating protective mechanisms and display it at appropriate places;</p>	<p>approprié ;</p> <p>4° identifier et analyser les risques pouvant résulter de la nature du travail ;</p> <p>5° avoir une trousse de secours avec les matériaux suffisants et former les employés, les stagiaires ou les apprentis à leur utilisation ;</p> <p>6° mettre en place et réviser régulièrement un plan d'urgence basé sur les risques potentiels sur le lieu de travail ;</p> <p>7° former les employés, les stagiaires ou les apprentis en matière de santé et de sécurité au travail au moins une fois par an ;</p> <p>8° informer les employés, les stagiaires ou les apprentis des risques pouvant résulter de l'utilisation des nouvelles technologies ;</p> <p>9° préparer, dans une langue claire et compréhensible pour les employés, les stagiaires et les apprentis, un document écrit indiquant les mécanismes de protection et l'afficher aux endroits appropriés ;</p>
--	--	--

<p>10° kubika amakuru y'impanuka, indwara n'impfu bikomoka ku kazi;</p> <p>11° gutanga raporo y'impanuka, indwara n'impfu bikomoka ku kazi ku Mugenzuzi w'umurimo w'aho ikigo gihereye no ku kigo cy'ubwiteganyize bw'abakozi;</p> <p>12° kubika ibanga ry'amakuru bwite ndetse n'ajyanye n'ubuzima bw'abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo;</p> <p>13° gukora ku buryo ahakorerwa akazi haba hadafite ubucucike ku buryo hateza ibyago ku buzima bw'umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo;</p> <p>14° gukora ku buryo ahakorerwa akazi hagomba kuba hari isuku kandi imyanda igomba gushyirwa ahabugenewe;</p> <p>15° kugena urumuri ruhagije kandi ruhoraho, kwirinda urusaku cyangwa ibitigita, amazi y'ubuntu yo kunywa, kandi aho bishoboka hashingiwe ku murimo usaba imbaraga cyangwa ushobora kugabanya ubudahangarwa, gutanga ikindi kinyobwa</p>	<p>10° to record occupational hazards, diseases and deaths;</p> <p>11° to report occupational hazards, diseases and deaths to the Labour Inspector of the area of the workplace and to social security organ;</p> <p>12° to ensure the confidentiality of personal and medical data of employees, interns or apprentices;</p> <p>13° to ensure that his or her workplace is not overcrowded to the extent of causing a risk to the health of the employee, intern or apprentice;</p> <p>14° to maintain the workplace clean and waste must be put in an appropriate place;</p> <p>15° to ensure sufficient and permanent lighting, prevention of noise or vibration, free and drinking clean water and where possible based on arduous working conditions or that may reduce his or her immunity, to provide another soft drink in addition</p>	<p>10° enregistrer les accidents, les maladies et les décès professionnels ;</p> <p>11° déclarer les accidents, les maladies et les décès professionnels à l'inspecteur du travail du ressort du lieu de travail et à l'organe de la sécurité sociale ;</p> <p>12° assurer la confidentialité des données personnelles et médicales des employés, des stagiaires ou des apprentis ;</p> <p>13° s'assurer que son lieu de travail ne soit pas encombré de façon à causer le risque à la santé de l'employé, d'un stagiaire ou d'un apprenti ;</p> <p>14° maintenir le lieu de travail propre et les déchets doivent être mis dans un endroit approprié ;</p> <p>15° assurer un éclairage suffisant et permanent, la prévention du bruit ou des vibrations, de l'eau potable gratuite et lorsque cela est possible en raison de conditions de travail pénibles ou pouvant réduire son immunité, fournir une autre boisson non alcoolisée en plus</p>
---	---	--

<p>kidasembuye cyiyongera ku mazi;</p> <p>16° guha abakozi, abimenyereza umwuga cyangwa abitoza uburyo bukwiye bwo gukora isuku, ahakorerwa isuku hatandukanye ku bagabo n’abagore;</p> <p>17° guha abakozi, abimenyereza umwuga cyangwa abitoza ibyumba byo kwambariramo bisukuye bitandukanye ku bagabo n’abagore, aho gukorera n’ibikoresho by’akazi byujuje ubuziranenge.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Inshingano z’umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo</u></p> <p>Umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° kubahiriza amategeko n’amabwiriza ahabwa n’umukoresha kubera imiterere y’umurimo akora;</p> <p>2° kumenyesha umukoresha impanuka, indwara n’ikindi cyose gishobora gutera impanuka ahakorerwa akazi;</p> <p>3° kwirinda no kumenyesha bagenzi be bakorana n’abandi bantu igishobora</p>	<p>to water;</p> <p>16° to provide employees, interns or apprentices with appropriate means for cleaning, easily accessible sanitary conveniences and separate for men and for women;</p> <p>17° to provide employees, interns or apprentices with clean dressing rooms separate for men and for women, a workplace and equipment that comply with ergonomic standards.</p> <p><u>Article 4: Obligations of an employee, intern or apprentice</u></p> <p>An employee, intern or apprentice has the following obligations:</p> <p>1° to observe rules and regulations issued by the employer due to the nature of his or her work;</p> <p>2° to inform the employer of occupational hazard, disease or any other event that may cause hazard at workplace;</p> <p>3° to protect and inform his or her colleagues or third parties of any event</p>	<p>de l'eau ;</p> <p>16° mettre à la disposition des employés, stagiaires ou apprentis des moyens de nettoyage appropriés, des sanitaires facilement accessibles et séparés pour les hommes et pour les femmes ;</p> <p>17° mettre à la disposition des employés, stagiaires ou apprentis des vestiaires propres séparés pour les hommes et pour les femmes, un lieu de travail et des équipements conformes aux normes ergonomiques.</p> <p><u>Article 4 : Obligations d’un employé, d’un stagiaire ou d’un apprenti</u></p> <p>Un employé, un stagiaire ou un apprenti a les obligations suivantes :</p> <p>1° observer les règlements et les instructions édictés par l’employeur en raison de la nature de son travail ;</p> <p>2° déclarer à l’employeur un accident, une maladie ou tout autre événement pouvant causer un accident sur le lieu de travail ;</p> <p>3° protéger et informer ses collègues et les tiers de tout événement pouvant mettre</p>
---	--	--

<p>kubangamira umutekano n'ubuzima ku kazi;</p> <p>4° kwirinda kwangiza, kwanduza cyangwa gukoresha ku buryo budakwiye ibikoresho yahawe byagenewe kurinda indwara n'impanuka bikomoka ku kazi.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Inshingano z'uwikorera</u></p> <p>Uwikorera akora ku buryo we n'abandi bantu bashobora gutezwa ibyago n'imirimo akora batagerwaho n'impanuka zikomoka ku kazi.</p> <p><u>Ingingo ya 6: Igenzura ryerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p> <p>Umukoresha agomba gukora igenzura ryerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi mbere yo gutangira umurimo amategeko asanzwe ateganya ko ukorerwa isuzumangaruka ku bidukikije mbere y'uko utangira.</p> <p>Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, umukoresha akora igenzura ryerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi nibura inshuro imwe mu mwaka hagamijwe kugaragaza ibishobora guteza</p>	<p>that may endanger safety and health at workplace;</p> <p>4° to avoid damaging, dirtying or improper use of occupational health and safety protective equipment availed to him or her.</p> <p><u>Article 5: Obligations of a self-employed person</u></p> <p>A self-employed person ensures that he or she and other persons who may be affected by his or her activities are not exposed to occupational hazards.</p> <p><u>Article 6: Occupational health and safety risks assessment</u></p> <p>An employer must carry out occupational health and safety risk assessment before starting an activity for which relevant laws require an environmental impact assessment before commencement.</p> <p>Without prejudice to provisions of Paragraph One of this Article, an employer conducts an occupational health and safety risk assessment at least once a year to identify risks of hazards and diseases and take</p>	<p>en danger la sécurité et la santé sur le lieu de travail ;</p> <p>4° éviter d'endommager, de salir ou d'utiliser d'une manière inappropriée les équipements de protection de la santé et de la sécurité au travail mis à sa disposition.</p> <p><u>Article 5 : Obligations d'un travailleur indépendant</u></p> <p>Un travailleur indépendant s'assure que lui-même et les autres personnes qui peuvent être affectées par ses activités ne soient pas exposés à des accidents professionnels.</p> <p><u>Article 6 : Évaluation des risques de santé et de sécurité au travail</u></p> <p>L'employeur doit effectuer une évaluation des risques pour la santé et la sécurité au travail avant de démarrer une activité pour laquelle la législation en la matière exige une étude d'impact environnemental avant le début.</p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'employeur effectue une évaluation des risques pour la santé et la sécurité au travail au moins une fois par an pour identifier les risques d'accidents et de maladies</p>
---	--	--

<p>abakozi impanuka n'indwara no gufata ingamba zihamye zo kubikumira no kubikemura.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Kwanga gukorera ahantu hashobora guteza ibyago</u></p> <p>Umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo ubona ko aho akorera nta mutekano uhari cyangwa hashobora guteza ibyago ku buzima bwe ashobora kwanga gukorera umurimo aho hantu cyangwa akaba yanahava. icyo gihe abimenyeshya umukuriye mu kazi, komite ishinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa intumwa z'abakozi.</p> <p>Umukoresha ntashobora guhagarika by'agateganyo cyangwa ngo afatire igihano umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo bitewe n'uko yanze gukorera umurimo aho yasabwe gukorera cyangwa avuye aho akorera iyo abona ko hashobora kumuteza ibyago.</p> <p><u>Ingingo ya 8: Kurinda ibimenyetso by'ahabereye impanuka ikomoka ku kazi</u></p> <p>Birabujijwe kwangiza cyangwa guhindura, nta burenganzira bwatanzwe n'umuntu ubifitiye ububasha, ikintu cyose gifitanye isano n'impanuka ikomoka ku kazi yabaye, keretse iyo hagamijwe ibi bikurikira:</p>	<p>appropriate preventive and control measures.</p> <p><u>Article 7: Refusal to work in a dangerous workplace</u></p> <p>An employee, intern or apprentice who believes that his or her workplace lacks safety or may endanger his or her health may refuse to work from that workplace or may even leave it. In that case, he or she informs his or her superior, the occupational health and safety committee or employees representatives.</p> <p>An employer cannot suspend or impose a sanction to an employee, intern or apprentice who refuses to work from or leaves the workplace at which he or she was assigned when he or she considers that it may cause a danger to him or her.</p> <p><u>Article 8: Preservation of evidence on the scene of the occupational hazard</u></p> <p>It is prohibited to damage or change, without the authorisation of a competent person, anything related to occupational hazard occurred, except for the following purposes:</p>	<p>et prendre des mesures de prévention et de contrôle appropriées.</p> <p><u>Article 7 : Refus de travailler dans un lieu de travail dangereux</u></p> <p>Un employé, un stagiaire ou un apprenti qui estime que son lieu de travail manque de sécurité ou peut mettre en danger sa santé, peut refuser de travailler à partir de ce lieu de travail ou décider de le quitter. Dans ce cas, il en informe son supérieur, le comité de santé et de sécurité au travail ou les délégués du personnel.</p> <p>Un employeur ne peut pas suspendre ou imposer une sanction contre un employé, un stagiaire ou un apprenti qui refuse de travailler à partir du lieu de travail où il est affecté ou qui quitte ce lieu quand il estime que ce dernier peut occasionner un danger contre lui.</p> <p><u>Article 8 : Préservation des preuves sur le lieu d'un accident de travail</u></p> <p>Il est interdit d'endommager ou de modifier, sans l'autorisation d'une personne compétente, tout ce qui est lié à un accident de travail survenu, sauf aux fins de ce qui suit :</p>
--	--	--

<p>1° kurengera ubuzima cyangwa gutabara umuntu uri mu kaga;</p> <p>2° kubungabunga serivisi y'inyungu rusange;</p> <p>3° gukumira iyangirika ritari ngombwa ry'ibintu.</p> <p><u>Ingingo ya 9: Ibikoresho byo kurinda umuntu impanuka</u></p> <p>Umukoresha aha umukozi, uwitoza umurimo, uwimenyereza umurimo cyangwa undi muntu winjiye mu kigo ibikoresho byo kurinda umuntu impanuka.</p> <p>Umukoresha ashya ibimenyetso ahantu hashyirwa imyambaro cyangwa ibindi bikoresho birinda impanuka byambarwa kandi hakamanikwa icyapa kigaragara kandi gisomeka.</p> <p>Bitewe n'imiterere y'akazi, ibikoresho byo kurinda impanuka umukozi, uwitoza umurimo, uwimenyereza umurimo cyangwa undi muntu winjiye mu kigo bigizwe n'ibi bikurikira:</p> <p>1° ingofero n'ibirahure bikingira mu maso;</p>	<p>1° to protect life or save a person from danger;</p> <p>2° to maintain essential public utility service;</p> <p>3° to prevent unnecessary damage to equipment.</p> <p><u>Article 9: Personal protective equipment</u></p> <p>An employer provides personal protective equipment to an employee, intern, apprentice or another person that enters an enterprise.</p> <p>An employer displays signs in an area where clothing or other protective equipment to be worn are and displays in the same place a visible and readable notice.</p> <p>Depending on the nature of work, personal protective equipment for an employee, intern, apprentice or a person that enters in an enterprise consists of the following:</p> <p>1° a helmet and eye protection glasses;</p>	<p>1° protéger la vie ou sauver une personne en danger ;</p> <p>2° maintenir un service d'utilité publique essentielle ;</p> <p>3° prévenir des dommages inutiles des matériels.</p> <p><u>Article 9 : Équipement de protection individuelle</u></p> <p>Un employeur fournit l'équipement de protection individuelle à un employé, à un stagiaire, à un apprenti ou à une autre personne qui entre dans l'entreprise</p> <p>Un employeur affiche des signes dans les endroits où les vêtements ou l'autre équipement de protection à être portés se trouvent et affiche au même endroit un avis visible et lisible.</p> <p>Selon la nature du travail, l'équipement de protection pour un employé, un stagiaire, un apprenti ou une autre personne qui entre dans une entreprise est composé de ce qui suit :</p> <p>1° un casque et des verres qui protègent les yeux ;</p>
---	---	---

<p>2° agapfukamunwa;</p> <p>3° indorerwamo z’amaso zirinda urumuri rwamubangamira, imirasire ishobora kwica amaso n’ibindi bintu bitaruka byaba ibikomeme, amazi cyangwa imyuka bishobora guteza impanuka;</p> <p>4° itaburiya iteye ikinyabutabire cya <i>lead</i> cyangwa ibindi bintu byo kumurinda ku buryo bukwiye imirasire mibi yamwangiriza ubuzima igihe imugezeho;</p> <p>5° ibikoresho bigabanya urusaku ku buryo urusaku rutajya hejuru ya desiberi mirongo inani n’eshanu (85);</p> <p>6° uturindantoki tujyanye n’akazi gakorwa, uturindankokora, uturindamavi n’ingofero;</p> <p>7° inkweto zabugenewe zirinda kunyerera, ibijombana n’ibindi bikomeretsa;</p> <p>8° imyambaro yo kwikingira nk’amakoti afite ikora rifunze n’amaboko maremare anigiye mu bujana n’ipantaro ndende;</p>	<p>2° a face mask;</p> <p>3° sunglasses to protect against annoying lights, radiation harmful to eyesight as well as solid, liquid or gaseous emissions likely to cause a hazard;</p> <p>4° lead-coated blouses or other appropriate devices for protection against radiation harmful to the health of the exposed individual;</p> <p>5° effective noise control devices such that the noise does not go beyond eighty-five (85) decibels;</p> <p>6° gloves that are best suited to the type of work to be done, sleeves, knee pads and headgear;</p> <p>7° suitable shoes to protect against sliding, piercing objects and other dangerous contacts;</p> <p>8° protective clothing such as a fastened collar and long sleeves and tight cuffs jacket and long pants;</p>	<p>2° un masque ;</p> <p>3° des lunettes destinées à protéger contre des lumières gênantes, des rayonnements nocifs pour la vue et toutes les projections solides, liquides ou gazeuses susceptibles de causer un accident ;</p> <p>4° des blouses plombées ou autres dispositifs appropriés de protection contre les radiations nuisibles à la santé de la personne y exposée ;</p> <p>5° des dispositifs efficaces de contrôle du bruit de telle sorte que le bruit n’excède pas quatre-vingt-cinq (85) décibels ;</p> <p>6° des gants appropriés au type de travail à accomplir, manchons, genouillères et couvre-chefs ;</p> <p>7° des chaussures appropriées pour la protection contre les glissements, objets perçants et autres contacts dangereux ;</p> <p>8° des vêtements de protection tels qu’une jaquette de col attaché et de longues manches et des poignets serrés et un long pantalon ;</p>
--	---	--

<p>9° ijire igaragara cyane;</p> <p>10° ibikoresho byo kwirinda ubushyuhe cyangwa ubukonje n'inkongi y'umuriro;</p> <p>11° ibikoresho byo kwirinda ibikomere;</p> <p>12° itaburiya ndende n'indi myenda idashobora kwinjirwamo n'amazi;</p> <p>13° imigozi irinda umuntu uri hejuru guhanuka;</p> <p>14° ibindi bikoresho bizwi ko bishobora kwifashishwa mu kwikingira.</p>	<p>9° high visibility vest;</p> <p>10° equipment to protect against heat or cold and the risk of fire;</p> <p>11° equipment to protect risk of injury;</p> <p>12° long blouse and other waterproof clothing;</p> <p>13° harness and lifeline for protection against falls from height;</p> <p>14° other equipment recognised to provide effective protection.</p>	<p>9° un gilet de haute visibilité ;</p> <p>10° un équipement de protection contre la chaleur ou le froid et le risque d'incendie ;</p> <p>11° un équipement de protection contre le risque de blessure ;</p> <p>12° une longue blouse et autres vêtements imperméables ;</p> <p>13° un harnais et bouée de sauvetage pour la protection contre les chutes de hauteur ;</p> <p>14° un autre équipement reconnu efficace pour la protection.</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Inzira z'abantu bafite ubumuga</p> <p>Ahantu hakorerwa umurimo hagomba kugira inzira abantu bafite ubumuga banyuzamo amagare yabo, ibyuma bibarinda kugwa cyangwa ibindi bashobora kwishingikiriza.</p>	<p><u>Article 10:</u> Passage for persons with disabilities</p> <p>A workplace must have a passage for wheelchairs, guardrails and other devices that may serve as support passage for persons with disabilities.</p>	<p><u>Article 10:</u> Passage pour les personnes handicapées</p> <p>Un lieu de travail doit disposer de passage pour les fauteuils roulants, les garde-fous et autres dispositifs pouvant servir de support pour les personnes handicapées.</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Umutekano mu gukoresha imashini n'ibindi bikoresho</p> <p>Mu rwego rwo kubahiriza umutekano mu ikoreshwa ry'imashini n'ibindi bikoresho, ingamba zikurikira zigomba kubahirizwa:</p>	<p><u>Article 11:</u> Safe use of machinery and other equipment</p> <p>For purposes of safe use of machinery and other equipment, the following precautions must be observed:</p>	<p><u>Article 11 :</u> Sécurité d'utilisation des machines et autre équipement</p> <p>Aux fins de la sécurité d'utilisation des machines et autre équipement, les mesures suivantes doivent être observées :</p>

<p>1° imashini cyangwa ibindi bikoresho bigomba gukoreshwa gusa umurimo byagenewe kandi bigakoreshwa n’umuntu ubifitiye ubushobozi;</p> <p>2° umukoresha agomba gukora ku buryo amabwiriza y’ikoreshwa ry’imashini n’ibimenyetso bigaragaza ibyatera impanuka yandikwa mu rurimi ukoresha imashini yumva kandi bikamanikwa hafi y’iyo mashini;</p> <p>3° icyuma gihagarika imashini zikoreshwa na moteri kigomba kuba kiri ahantu hatateza impanuka kandi gikoreshwa byihuse ku buryo bworoshye;</p> <p>4° ibikoresho n’imashini bikoreshwa bigomba gukorerwa igenzura mu gihe cyagenwe n’amabwiriza y’ababikoze cyangwa hakurikijwe inama zitangwa n’inzobere muri urwo rwego.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Ibyuma byagenewe kuzamura imitwara cyangwa abantu</u></p> <p>Icyuma cyagenewe kuzamura imitwara cyangwa abantu kigomba kuba cyubitse mu buryo bukomeye kandi kigatunganywa mu buryo buhagije nibura rimwe mu mezi atandatu (6).</p>	<p>1° machinery or other equipment must be used only in work for which they are designed and by a competent person;</p> <p>2° the employer must ensure that the machine operating instructions and the danger signs are written in a language that is understandable to the user and displayed near the machine;</p> <p>3° the engine shutdown control device must be located outside the danger zone and be easily and immediately operated;</p> <p>4° operational equipment and machinery must be checked periodically in accordance with manufacturer’s instructions or as recommended by experts in the field.</p> <p><u>Article 12: Hoists or lifts</u></p> <p>A hoist or lift must be of good mechanical construction and adequate strength and be maintained at least once in every six (6) months.</p>	<p>1° les machines ou autre équipement ne doivent être utilisés que pour les travaux pour lesquels ils sont conçus et par une personne compétente ;</p> <p>2° l’employeur doit s’assurer que les instructions de fonctionnement de la machine et les signes de danger soient rédigés dans une langue compréhensible pour l’utilisateur et affichés près de la machine ;</p> <p>3° l’appareil d’arrêt des machines motrices doit être placé en dehors de la zone dangereuse et être actionné facilement et immédiatement ;</p> <p>4° l’équipement et les machines en usage doivent être vérifiés périodiquement conformément aux instructions du fabricant ou selon les recommandations des experts dans le domaine.</p> <p><u>Article 12: Appareils de levage ou ascenseurs</u></p> <p>Un appareil de levage ou un ascenseur doit être de bonne construction mécanique et d’une résistance suffisante et doit être entretenu au moins une fois tous les six (6) mois.</p>
---	---	--

<p>Iyo ubugenzuzi bwerekanye ko icyuma cyagenewe kuzamura ibintu cyangwa abantu gifite ikibazo gituma kitakomeza gukoreshwa, gihita gikorwa mu buryo bwihuse.</p> <p><u>Ingingo ya 13: Gukumira no kurwanya inkongi y’umuriro</u></p> <p>Mu rwego rwo gukumira no kurwanya inkongi y’umuriro ahakorerwa akazi, umukoresha agomba kuzirikana ibi bikurikira:</p> <p>1° ibintu bishobora gufatwa n’inkongi y’umuriro ku buryo bworoshye bibikwa ahantu hubatswe mu bintu bidashobora gufatwa n’inkongi y’umuriro cyangwa bikabikwa ahantu hizewe hanze y’inzu ikorerwamo kugira ngo bidatera ikibazo mu gusohoka ahakorerwa akazi cyangwa mu gice cy’ahakorerwa akazi mu gihe habaye inkongi y’umuriro muri ubwo bubiko;</p> <p>2° ibikoreho bishobora gufatwa n’inkongi y’umuriro ku buryo bworoshye bigomba kuba mu bice byihariye kandi byitaruye izindi nyubako;</p>	<p>If the inspection indicates that a hoist or lift has a problem that makes it unsafe for use, its reparation must be carried out immediately.</p> <p><u>Article 13: Fire prevention and fighting</u></p> <p>For purposes of fire prevention and fighting at workplace, an employer must ensure the following:</p> <p>1° highly flammable substances are kept in a fire-resisting store or in a safe place outside an occupied building in order not to endanger the means of escape from the workplace or from a part of the workplace in case fire occurs in the store;</p> <p>2° fire risk facilities must be located in special areas and separated from other buildings;</p>	<p>Si l’inspection montre qu’un appareil de levage ou un ascenseur ne peut pas continuer à être utilisé en sécurité, les réparations doivent être effectuées immédiatement.</p> <p><u>Article 13: Prévention et lutte contre l’incendie</u></p> <p>Aux fins de la prévention et de lutte contre l’incendie sur le lieu de travail, un employeur doit s’assurer de ce qui suit :</p> <p>1° les substances hautement inflammables doivent être gardés dans un magasin résistant aux incendies ou dans un endroit sûr à l’extérieur des bâtiments occupés pour ne pas mettre en danger les moyens de sortie du lieu de travail ou de la partie de celui-ci en cas d’un incendie survenu dans le magasin ;</p> <p>2° les installations à risque d’incendie doivent être situées dans des endroits spéciaux et séparés d’autres constructions ;</p>
---	---	---

<p>3° imbere mu nyubako, ahakorerwa akazi hashobora gushya ku buryo bworoshye hagomba kuba hitaruye ahandi;</p>	<p>3° within the premises, fire risk workplaces must be isolated from other places;</p>	<p>3° à l'intérieur des locaux, les lieux de travail à risque d'incendie doivent être isolés des autres lieux ;</p>
<p>4° ibyumba bikorerwamo bigomba kuba byubatse ku buryo bufasha abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo kubona inzira itunganye ibafasha mu guhunga inkongi y'umuriro;</p>	<p>4° working rooms must be arranged in a manner that gives employees, interns or apprentices a free passageway leading to a means of escape in case of fire;</p>	<p>4° les locaux de travail doivent être aménagés de manière à laisser aux employés, aux stagiaires ou aux apprentis un passage libre menant à un moyen d'évacuation en cas d'incendie ;</p>
<p>5° ibintu bishobora gufatwa n'inkongi y'umuriro ku buryo bworoshye ntibigomba gushyirwa ku ngazi, aho abantu banyura, munsu y'ingazi cyangwa ahagereye imiryango y'inyubako y'aho basohokera;</p>	<p>5° highly flammable substances are not left in the stairways, corridors, under the stairs or near the exits of the buildings;</p>	<p>5° les substances hautement inflammables ne doivent pas être laissés dans les escaliers, les couloirs, sous les escaliers ou près des sorties des bâtiments ;</p>
<p>6° birabujijwe kunywa itabi ahantu hakorerwa akazi no mu byumba bibitsemu ibintu bishobora gufatwa n'inkongi y'umuriro ku buryo bworoshye cyangwa byaka ubusa. Ibyapa bibuza kunywa itabi bigomba gushyirwa ahantu hagaragara neza kandi n'ibyuma bitahura imyotsi bigomba gushyirwa hafi y'aho hantu;</p>	<p>6° smoking at the workplace and in premises where there are combustible or flammable materials is prohibited. Smoking prohibition signs must be displayed in a visible place and smoke detectors must be installed near such places;</p>	<p>6° il est interdit de fumer au lieu de travail et dans les locaux où se trouvent des matériaux combustibles ou inflammables. Les panneaux d'interdiction de fumer doivent être affichés dans un endroit visible et les détecteurs de fumée doivent être installés à proximité de ces endroits;</p>
<p>7° imashini, ibikoresho n'imiyoboro y'amashanyarazi bigomba gukoreshwa neza, bikitabwaho mu</p>	<p>7° machines, appliances and electrical installations must be safely used and maintained in operating conditions</p>	<p>7° les machines, les appareils et les installations électriques doivent être utilisés en toute sécurité et entretenus</p>

<p>kubikoresha kandi bikaba biri ahitaruye, hagamijwe kwirinda ibyago birimo gufatwa n'amashanyarazi, inkongi y'umuriro, iturika, ibishashi cyangwa gushwanyuka, kandi bigomba gufatirwa ingamba zo kubigenzura, kubyitaho no kubisuzuma buri gihe;</p>	<p>and kept in isolation to avoid hazards such as electric shocks, fire, explosion, sparks or blowout, and must be subject to inspection, maintenance and periodic check measures;</p>	<p>dans les conditions de fonctionnement et isolées pour éviter les risques tels que les chocs électriques, les incendies, les explosions, les étincelles ou les éclatements, et doivent faire l'objet des mesures d'inspection, d'entretien et de contrôle périodique ;</p>
<p>8° ikurikirana rihoraho rikorwa ahantu hashobora guturuka inkongi y'umuriro, by'umwihariko ahegereye ibikoresho bishyushya, ahari insinga z'amashanyarazi, mu bubiko bw'ibintu byaka cyangwa bishobora gufatwa n'inkongi y'umuriro mu buryo bworoshye cyangwa ahantu hakorerwa isudira cyangwa gukata ibyuma hakoreshejwe ubushyuhe;</p>	<p>8° regular monitoring is conducted in places considered to be fire risk areas, particularly in the vicinity of heating appliances, electrical installations, in deposits of combustible or flammable materials or in places where welding or cutting after preheating activities are conducted;</p>	<p>8° un suivi régulier doit être mené là où il y a un risque d'incendie, notamment au voisinage des appareils de chauffage, des installations électriques, dans les dépôts des matériels combustibles ou inflammables ou dans les endroits où l'on procède à des travaux de soudure ou de coupage à chaud ;</p>
<p>9° gushyiraho ibikoresho byabugenewe byo gutahura inkongi y'umuriro n'uburyo bwo kumenyekanisha inkongi y'umuriro, kandi ubwo buryo bugomba kuba bwumvikana mu nyubako hose kandi butandukanye n'ibindi bimenyetso byifashishwa mu kuburira abantu bikoreshwa mu nyubako;</p>	<p>9° to put in place appropriate equipment for fast detection of fire outbreaks and a fire warning system; such warning must be audible throughout the building and distinct from any other signal in use on the premises;</p>	<p>9° mettre en place un équipement approprié pour la détection rapide des incendies et un système d'alerte d'incendie, et cet alerte doit être audible dans tout le bâtiment et distinct de tout autre signal utilisé dans les locaux ;</p>
<p>10° gushyiraho ibikoresho byo kuzimya umuriro byabugenewe, bikorerwa</p>	<p>10° to put in place appropriate fire extinguishers, maintained and kept</p>	<p>10° mettre en place des extincteurs appropriés, entretenus et maintenus</p>

<p>ubugenzuzi kandi bihora biteguriwe gukora, no kugira abantu bahagije bahuguriwe gukoresha ibyo bikoresho;</p> <p>11° igihe cy'akazi, inzugi zigomba kuba zidafunze cyangwa zizewe ko igihe icyo ari cyo cyose zishobora gufungurirwa imbere kandi vuba;</p> <p>12° urugi rw'icyumba rufungurirwa ku ngazi cyangwa mu kirongozi rugomba kuba rwubatswe ku buryo rufungurirwa hanze kandi urugi rusunikwa ntirugomba kuba ahasohokera mu kigo keretse umukoresha afite uruhushya rwanditse rumwemerera gukoresha urwo rugi yahawe n'ubuyobozi bushinzwe inkongi y'umuriro;</p> <p>13° urugi cyangwa ubundi buryo bwifashishwa igihe habaye inkongi y'umuriro ariko atari inzira zisanze zo gusohokera, rugomba kwandikwaho inyuguti z'icyatsi kibisi mu ibara ry'umweru kandi izo nyuguti zigira ubunini bugenwa n'ubuyobozi bushinzwe ibyerekeye inkongi y'umuriro;</p>	<p>available for use and have a sufficient number of persons trained in using such equipment;</p> <p>11° while work is in progress, doors must be unlocked or secured in such a way as to be capable of being readily and quickly opened from the inside;</p> <p>12° a door opening onto a staircase or corridor from a room must be constructed to open outwards and a sliding door must not be the final exit of an institution unless the employer obtains the written permission of the fire authority to use such a door;</p> <p>13° exit door or any other exit route of escape in case of fire other than the means of exit in ordinary use, must be marked by a notice printed in green letters on a white background and the letters must be of such size as the fire authority may specify;</p>	<p>disponibles pour utilisation et disposer d'un nombre suffisant de personnes formées à l'utilisation de cet équipement ;</p> <p>11° pendant le travail, les portes doivent être laissées déverrouillées ou sécurisées de manière à pouvoir être ouvertes facilement et rapidement de l'intérieur ;</p> <p>12° une porte ouvrant sur un escalier ou un couloir à partir d'une pièce doit être construite pour s'ouvrir vers l'extérieur et une porte coulissante ne doit pas être à la sortie définitive d'une institution à moins que l'employeur n'obtienne l'autorisation écrite de l'autorité d'incendie pour utiliser une telle porte ;</p> <p>13° la porte de sortie ou les autres moyens d'évacuation en cas d'incendie autres que les moyens de sortie d'usage normal, doivent être marqués par un avis imprimé en lettres vertes sur fond blanc et les lettres doivent être d'une taille qui peut être spécifiée par l'autorité de lutte contre l'incendie ;</p>
---	---	--

<p>14° inzugi cyangwa inzira zisohoka zigomba kumurikirwa kandi zigahora zimurikiwe hakoreshejwe urumuri rwitabazwa igihe cy'ibyago igihe ikigo gikora nijoro cyangwa igihe umuriro w'amashanyarazi wabuze;</p> <p>15° abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo batozwa mu buryo buhoraho uburyo bwitabazwa mu guhunga inkongi y'umuriro, uburyo bukoreshwa n'inzira banyuramo igihe habaye inkongi y'umuriro kandi umubare n'inshuro z'imyitoto yo guhunga inkongi y'umuriro bikandikwa bikabikwa ndetse bikerekanwa igihe ubuyobozi bubifitiye ububasha bubisabye;</p> <p>16° gutegura cyangwa kuvugurura gahunda y'ubutabazi, amaze kujya inama n'intumwa z'abakozi, irimo ibi bikurikira:</p> <p>a) uburyo bwiza kandi bwihuse bufasha abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo bakomeretse kubona ubutabazi bw'ibanze bava aho bakorera bajyanwa kwa muganga;</p>	<p>14° exit doors or exit routes must be fitted with emergency lighting and always be well maintained with luminous or illuminated exit signs if the institution is used at night or in case of electrical power failure;</p> <p>15° employees, interns or apprentices are permanently trained with the means of escape, their use and the route to be followed in case of fire and a record of the number and frequency of evacuation drills must be kept and presented, on demand, for inspection by the competent authority;</p> <p>16° to prepare or revise an emergency plan after consulting employee's representatives that includes the following:</p> <p>a) suitable and rapid means of first-aid help to injured employees, interns or apprentices and their transportation from the institution to the health facility;</p>	<p>14° les portes ou les voies de sortie doivent être équipées d'un éclairage de secours et de panneaux de sortie lumineux ou illuminés bien entretenus si l'institution est utilisée la nuit ou en cas de panne de courant ;</p> <p>15° les employés, les stagiaires ou les apprentis sont formés de façon permanente aux moyens d'évacuation, leur utilisation et au passage à suivre en cas d'incendie et le nombre et la fréquence des exercices d'évacuation doivent être tenus et présentés, sur demande, pour inspection par l'autorité compétente ;</p> <p>16° préparer ou réviser le plan d'urgence après consultation avec les délégués du personnel qui comporte ce qui suit :</p> <p>a) des moyens adaptés et rapides d'obtenir les premiers secours aux employés, aux stagiaires ou aux apprentis blessés et leur transport de l'institution à l'établissement sanitaire ;</p>
--	--	---

<p>b) uburyo bukoreshwa igihe habaye inkongi y’umuriro, kurinda ikigo kwangirika bikabije, uburyo bukoreshwa mu gusohoka mu kigo no kumenyesha abashinzwe ubutabazi.</p> <p><u>Ingingo ya 14: Kurinda abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo ibikomoka ku butabire</u></p> <p>Umukoresha arinda umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo gufata mu ntoki ibikomoka ku butabire bishobora kumuteza ibyago.</p> <p>Umukoresha akora ku buryo ibikoresho bikomoka ku butabire byagemuwe, byatanzwe cyangwa byikorewe biba bifunze neza kandi bifite uturango twabugenewe tugaragaza amabwiriza y’uko bikoreshwa hagamijwe kurinda abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo ibyago byabikomokaho.</p> <p>Umukoresha ashiraho uburyo bwizewe bwo gukusanya, kunagura cyangwa gukuraho ibisigazwa by’ibikomoka ku butabire bitagikoreshwa n’ibikoresho bibikwamo ibikomoka ku butabire byakoreshejwe hagamijwe kurinda umutekano n’ubuzima by’abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo.</p>	<p>b) procedures to be followed in case of fire, protection of the institution from serious damage, means of evacuation from the institution and communication with rescue personnel.</p> <p><u>Article 14: Protection of employees, interns or apprentices against chemical products</u></p> <p>An employer protects his or her employee, intern or apprentice from manually handling chemical products that may cause risk to him or her.</p> <p>An employer ensures that chemical products supplied, distributed or transported are properly packaged with appropriate labels indicating instructions for use so as to protect employees, interns or apprentices from any danger they may cause.</p> <p>An employer establishes a reliable system for collection, recycling or disposal of obsolete chemical wastes as well as empty containers of chemical products to ensure safety and health of employees, interns or apprentices.</p>	<p>b) des procédures à suivre en cas d’incendie, la protection de l’institution contre des dommages graves, les moyens d’évacuation de l’institution et de communication avec le personnel de sauvetage.</p> <p><u>Article 14 : Protection des employés, des stagiaires ou des apprentis contre les produits chimiques</u></p> <p>L’employeur protège son employé, son stagiaire ou son apprenti contre la manipulation manuelle des produits chimiques qui peuvent lui causer des risques.</p> <p>L’employeur veille à ce que les produits chimiques fournis, distribués ou transportés soient bien emballés et aient des étiquettes appropriées indiquant les instructions d’utilisation afin de protéger les employés, les stagiaires ou les apprentis de tout danger qu’ils peuvent causer.</p> <p>L’employeur élabore un système fiable pour la collecte, le recyclage ou l’élimination des déchets chimiques obsolètes et des conteneurs vides de produits chimiques pour assurer la sécurité et la santé des employés, des stagiaires ou des apprentis.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 15: Ahantu hafunganye</u></p>	<p><u>Article 15: Confined space</u></p>	<p><u>Article 15: Espace confiné</u></p>
<p>Umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo ntiyemerewe kwinjira cyangwa gukorera ahantu hafunganye keretse iyo –</p> <ol style="list-style-type: none"> 1 ° hashyizweho uburyo bwo kuhageza umwuka mwiza; 2 ° hafashwe ingamba za ngombwa zituma umwuka mwiza ugumamo; 3 ° umukozi ufite ibikoresho byabugenewe byo gutabara ari hanze y’ahantu hafunganye; 4 ° hari uburyo bukwiye bwo gukura umuntu ahantu hafunganye igihe akeneye ubutabazi; 5 ° umuntu wahuguwe mu bijyanye no guhumeka mu buryo butari karemano aboneka ku buryo bworoshye; kandi 6 ° igipimo cya gazi kitarenga cyangwa kidashobora kurenga ibipimo byemewe. 	<p>An employee, intern or apprentice is prohibited from entering in or working from a confined space unless –</p> <ol style="list-style-type: none"> 1 ° the space is ventilated; 2 ° measures necessary to maintain a safe air are taken; 3 ° the employee with appropriate rescue equipment is outside the confined space; 4 ° suitable arrangements have been made to remove the employee from the confined space when he or she needs assistance; 5 ° a person adequately trained in artificial respiration is conveniently available; and 6 ° the concentration of gases does not or is not likely to exceed permissible standards. 	<p>Un employé, un stagiaire ou un apprenti n’est pas autorisé à entrer ou travailler dans un espace confiné sauf si –</p> <ol style="list-style-type: none"> 1 ° l’espace est aéré ; 2 ° les mesures nécessaires pour maintenir un air sain sont prises ; 3 ° un employé avec un équipement de sauvetage approprié se trouve à l’extérieur de l’espace confiné ; 4 ° les mesures appropriées ont été prises pour retirer l’employé de l’espace confiné lorsqu’il a besoin de secours ; 5 ° une personne adéquatement formée à la respiration artificielle est facilement disponible ; et 6 ° si la concentration des gaz ne dépasse pas ou n’est pas susceptible de dépasser les normes admissibles.

<p><u>Ingingo ya 16:</u> Gusuzumwa na muganga kw'abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo</p> <p>Umuntu ushaka akazi abanza kugaragaza icyemezo cya muganga wemewe na Leta kigaragaza ko ashobora gukora ako kazi.</p> <p>Uretse aho biteganyijwe ukundi, umukoresha ashyiraho, nibura rimwe mu mwaka uburyo bwo gusuzumisha kwa muganga abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo, bakoreraho ahantu hashobora kubateza impanuka. Ikiguzi cyo gusuzumwa na muganga cyishyurwa n'umukoresha.</p> <p><u>Icyiciro cya 2:</u> Uburyo bw'ishyirwaho rya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu kigo cy'abikorera n'imikorere yayo</p> <p><u>Ingingo ya 17:</u> Abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu kigo cy'abikorera</p> <p>Abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu kigo cy'abikorera batoranywa mu bakozi b'ikigo mu buryo bukurikira:</p>	<p><u>Article 16:</u> Medical checkup for employees, interns or apprentices</p> <p>A person who seeks employment must provide a medical certificate from a recognised medical doctor to certify his or her fitness for the work.</p> <p>Except otherwise provided, the employer arranges, at least once a year, medical checkup for employees, interns or apprentices who are exposed to hazards. The cost of the medical checkup is paid by the employer.</p> <p><u>Section 2:</u> Modalities of establishment of the occupational health and safety committee in a private enterprise and its functioning</p> <p><u>Article 17:</u> Members of an occupational health and safety committee in a private enterprise</p> <p>Members of the occupational health and safety committee in a private enterprise are selected from employees of the enterprise as follows:</p>	<p><u>Article 16 :</u> Contrôle médical des employés, des stagiaires ou des apprentis</p> <p>Une personne qui cherche un emploi, doit fournir un certificat médical d'un médecin reconnu pour certifier son aptitude au travail.</p> <p>Sauf dispositions contraires, l'employeur organise, au moins une fois par an, un contrôle médical des employés, des stagiaires ou des apprentis qui sont exposés aux accidents. Le coût du contrôle médical est payé par l'employeur.</p> <p><u>Section 2:</u> Modalités de mise en place du comité de santé et de sécurité au travail dans une entreprise privée et son fonctionnement</p> <p><u>Article 17:</u> Membres d'un comité de santé et de sécurité au travail dans une entreprise privée</p> <p>Les membres du comité de santé et de sécurité au travail dans une entreprise privée sont sélectionnés parmi les employés de l'entreprise comme suit :</p>
--	--	---

<p>1° mu kigo gifite abakozi bari muni y'icumi (10), komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igizwe n'umukozi umwe (1) uri ku rwego rufata ibyemezo mu kigo utoranywa n'umukoresha;</p> <p>2° mu kigo gifite nibura abakozi icumi (10) kugeza ku bakozi makumyabiri n'icyenda (29), komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igizwe n'abakozi babiri (2), barimo umukozi umwe (1) uri ku rwego rufata ibyemezo mu kigo utoranywa n'umukoresha kandi umuhagarariye n'intumwa y'abakozi imwe (1);</p> <p>3° mu kigo gifite guhera ku bakozi mironko itatu (30), komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igizwe n'abakozi batanu (5), barimo abakozi batatu (3) bari ku rwego rufata ibyemezo mu kigo batoranywa n'umukoresha kandi bamuhagarariye n'intumwa z'abakozi ebyeri (2). icyakora, iyo ikigo gifite intumwa z'abakozi zirenze ebyiri (2), izo ntumwa z'abakozi zitoramo ebyiri (2) zijya mu bagize Komite y'Ubuzima n'Umutekano ku kazi.</p> <p>Mu kigo gifite umukozi ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi cyangwa umukozi ushinzwe ubuzima; uwo mukozi agomba kuba mu bagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi.</p>	<p>1° in an enterprise with less than ten (10) employees, the occupational health and safety committee is composed of one (1) employee at decision making level in the enterprise selected by the employer;</p> <p>2° in an enterprise with at least ten (10) to twenty-nine (29) employees, the occupational health and safety committee is composed of two (2) employees including one (1) employee at decision making level in the enterprise selected by the employer and representing him or her and one (1) employees' representative;</p> <p>3° in an enterprise with thirty (30) employees and above, the occupational health and safety committee is composed of five (5) employees including three (3) employees at decision making level in the enterprise selected by the employer and representing him or her and two (2) employees' representatives. However, if an enterprise has more than two (2) employees' representatives, they select among themselves two (2) employees' representatives to be members of the occupational health and safety committee.</p> <p>In an enterprise that has an employee in charge of occupational health and safety or a health officer, the employee must be among members of the occupational health and safety committee.</p>	<p>1° dans une entreprise de moins de dix (10) employés, le comité de santé et de sécurité au travail est composé d'un (1) employé au niveau de prise de décision de l'entreprise désigné par l'employeur;</p> <p>2° dans une entreprise d'au moins dix (10) à vingt-neuf (29) employés, le comité de santé et de sécurité au travail est composé de deux (2) employés comprenant un (1) employé au niveau de prise de décision dans l'entreprise désigné par l'employeur et qui représente ce dernier et un (1) délégué du personnel ;</p> <p>3° dans une entreprise de trente (30) employés et plus, le comité de santé et de sécurité au travail est composé de cinq (5) employés comprenant trois (3) employés au niveau de prise de décision dans l'entreprise désignés par l'employeur et qui représentent ce dernier et deux (2) délégués du personnel. Toutefois, si une entreprise compte plus de deux (2) délégués du personnel, ils choisissent parmi eux deux (2) délégués du personnel comme membres du comité de santé et de sécurité au travail.</p> <p>Dans une entreprise qui dispose d'un employé chargé de la santé et de la sécurité au travail ou d'un agent de santé, l'employé doit être parmi les membres du comité de santé et de sécurité au travail.</p>
---	---	---

<p>Iyo komite imaze gushyirwaho mu kigo, abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi bitoramo komite nyobozi igizwe na Perezida, Visi Perezida n'Umunyamabanga aho bishoboka; kandi Perezida agomba kuba umukozi uhagarariye umukoresha.</p> <p>Iyo ikigo gifite amashami atandukanye, buri shami rishyiraho komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi, yaryo bwite.</p> <p>Iyo inyubako imwe ikoreramo ibigo birenze kimwe, buri kigo kigomba kugira nibura umukozi umwe (1) uhagarariye umukoresha n'undi mukozi umwe (1) uhagarariye abakozi muri komite ihuriweho y'ubuzima n'umutekano ku kazi.</p> <p><u>Ingingo ya 18:</u> Abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu rwego rwa Leta</p> <p>Buri rwego rwa Leta rugomba kugira komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi.</p> <p>Mu rwego rwa Leta, abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi batoranywa mu bakozi b'urwo rwego mu buryo bukurikira:</p>	<p>After establishment of the committee in the enterprise, the occupational health and safety committee members elect among themselves the Chairperson, Vice Chairperson and Secretary where applicable; and the Chairperson must be an employer's representative.</p> <p>If an enterprise has different branches, each branch establishes its own occupational health and safety committee.</p> <p>In case there is more than one enterprise housed in a single building, each enterprise must have at least one (1) employer's representative and one (1) employees' representative in the common occupational health and safety committee.</p> <p><u>Article 18:</u> Members of an occupational health and safety committee in a State organ</p> <p>Every State organ must have an occupational health and safety committee.</p> <p>In a State organ, members of an occupational health and safety committee are selected from employees of that institution as follows:</p>	<p>Après la mise en place du comité dans l'entreprise, les membres du comité de la santé et de la sécurité au travail élisent parmi eux le Président, le Vice-Président et le Secrétaire le cas échéant ; et le Président doit être un représentant de l'employeur.</p> <p>Si une entreprise a les différentes branches, chaque branche établit son propre comité de santé et de sécurité au travail.</p> <p>Dans le cas où il y a plus d'une entreprise au sein d'un même bâtiment, chaque entreprise doit avoir au moins un (1) représentant de l'employeur et un (1) représentant des employés dans le comité commun de santé et de sécurité au travail.</p> <p><u>Article 18:</u> Membres d'un comité de santé et de sécurité au travail dans un organe de l'État</p> <p>Chaque organe de l'État doit avoir un comité de santé et de sécurité au travail.</p> <p>Dans un organe de l'État, les membres du comité de santé et de sécurité au travail sont sélectionnés parmi les employés de cette institution comme suit :</p>
---	--	---

<p>1° mu rwego rwa Leta rufite abakozi guhera ku icumi (10) kugeza kuri makumyabiri n'icyenda (29), komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igizwe n'umuyobozi imicungire y'abakozi mu nshingano ari na we Perezida wa komite, umukozi ufite imicungire y'abakozi mu nshingano ari na we Munyamabanga n'umujyanama w'urwego mu by'amategeko nk'ugize komite;</p> <p>2° mu rwego rwa Leta rufite abakozi guhera kuri mironko itatu (30) no kuzamura, komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igizwe n'umuyobozi w'ishami ufite imicungire y'abakozi mu nshingano ari na we Perezida wa komite, umukozi ufite imicungire y'abakozi mu nshingano ari na we Munyamabanga, umujyanama w'urwego mu by'amategeko nk'ugize komite, umukozi uhagarariye abakozi bo mu cyiciro cy'imirimo y'abaporofesiyoneli utorwa na bagenzi be n'umukozi uhagarariye abakozi bo mu cyiciro cy'imirimo yunganira n'iya tekiniki utorwa na bagenzi be.</p>	<p>1° in a public institution with ten (10) to twenty- nine (29) employees, an occupational health and safety committee is composed of a manager in charge of human resources who is the Chairperson of the committee, a human resources personnel who is the Secretary of the committee and a legal advisor of the institution as a member;</p> <p>2° in a public institution with thirty (30) and above, the occupational health and safety committee is composed of a director in charge of human resources who is the Chairperson of the committee, a human resources officer who is the Secretary of the committee, a legal advisor of the institution as a member, a public servant from the category of professionals elected by his or her peers and a public servant from the category of support staff and technicians elected by his or her peers.</p>	<p>1° dans une institution publique de dix (10) à vingt-neuf (29) employés, un comité de santé et de sécurité au travail est composé d'un chef chargé des ressources humaines qui est le Président du comité, un agent chargé des ressources humaines qui est le Secrétaire du comité et un conseiller juridique de l'institution en tant que membre ;</p> <p>2° une institution publique de trente (30) employés et plus, le comité de santé et de sécurité au travail est composé d'un directeur chargé des ressources humaines qui est le Président du comité, un agent chargé des ressources humaines qui est le Secrétaire du comité, un conseiller juridique de l'institution en tant que membre, un fonctionnaire de la catégorie des professionnels élus par ses pairs et un fonctionnaire de la catégorie du personnel de soutien et des techniciens élus par ses pairs.</p>
--	---	---

<p>Iyo urwego rwa Leta rufite umukozi ushinzwe ubuzima n’umutekano ku kazi cyangwa ushinzwe ubuzima, agomba gushyirwa mu bagize komite y’ubuzima n’umutekano ku kazi.</p> <p>Iyo urwego rwa Leta rudafite inzego z’imirimo zivugwa muri iyi ngingo, ubuyobozi bw’urwego butegura uburyo abakozi bitoramo abagize komite y’ubuzima n’umutekano ku kazi muri icyo kigo.</p> <p><u>Ingingo ya 19: Manda y’abagize komite y’ubuzima n’umutekano ku kazi</u></p> <p>Abagize komite y’ubuzima n’umutekano ku kazi mu kigo cy’abikorera bagira manda y’imyaka itatu (3) ishobora kongerwa.</p> <p>Umwe mu bagize komite y’ubuzima n’umutekano ku kazi uvuye mu mwanya we, asimburwa mu gihe kitarenze ukwezi kumwe (1) uherye igihe aviriyeye mu mwanya we.</p> <p>Umuntu usimbuye ugize komite y’ubuzima n’umutekano ku kazi arangiza manda y’ugize komite asimbuye.</p> <p>Mu nzego za Leta, uretse Perezida, Umunyamabanga n’Umujyanama mu</p>	<p>In case a public institution has an employee in charge of occupational health and safety or health officer, the employee must be a member of the occupational health and safety committee.</p> <p>When a public institution does not have job positions mentioned in this Article, the management of the institution puts in place modalities by which employees elect among themselves members of occupational health and safety committee in that institution.</p> <p><u>Article 19: Term of office of members of an occupational health and safety committee</u></p> <p>Occupational health and safety committee members in private enterprise have a three (3) years renewable term.</p> <p>A member of the occupational health and safety committee who loses his or her position, is replaced within one (1) month from the date of loss of membership.</p> <p>A person who replaces a member of the occupational health and safety committee serves the remaining term of office of the member replaced.</p> <p>In State organs, except the Chairperson, the Secretary and the Legal Advisor who are</p>	<p>Dans le cas où une institution publique dispose d’un employé chargé de la santé et de la sécurité au travail ou d’un agent de santé, l’employé doit être membre du comité de santé et de sécurité au travail.</p> <p>Lorsqu’une institution publique n’a pas de postes d’emploi mentionnés au présent article, la direction de l’institution met en place les modalités par lesquelles les employés choisissent parmi eux les membres du comité de santé et de sécurité au sein de cette institution.</p> <p><u>Article 19 : Mandat des membres d’un comité de santé et de sécurité au travail</u></p> <p>Les membres du comité de santé et de sécurité au travail dans une entreprise privée ont un mandat de trois (3) ans renouvelable.</p> <p>Un membre du comité de santé et de sécurité au travail qui perd sa position, est remplacé endéans un (1) mois à compter de la date de la perte de qualité de membre.</p> <p>Une personne qui remplace un membre du comité de santé et de sécurité au travail, sert le mandat qui reste à courir par le membre remplacé.</p> <p>Dans les organes de l’État, à l’exception du Président, du Secrétaire et du Conseiller</p>
---	---	---

<p>by'amategeko bakora imirimo ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi mu buryo buhoraho, abandi bagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi batorerwa manda y'imyaka itatu (3), ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.</p> <p><u>Ingingo ya 20: Kumanika ahagaragara urutonde rw'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p> <p>Umukoresha amanika urutonde rw'amazina y'abagize komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi, ahantu habugenewe kandi hagaragara mu yubako z'ahakorerwa.</p> <p>Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, kopi y'urutonde rw'amazina y'abagize komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi ishyikirizwa umugenzuzi w'umurimo w'aho ikigo gihereye iyo ikigo ari icy'abigenga.</p> <p>Ku kigo cya Leta, urutonde rw'amazina y'abagize komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi rushyikirizwa Minisiteri ifite umurimo mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 21: Inshingano za komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p> <p>Komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi ifite</p>	<p>permanent members of the occupational health and safety committee, other members of the occupational health and safety committee are elected for a term of three (3) years renewable once.</p> <p><u>Article 20: Display of the list of members of an occupational health and safety committee</u></p> <p>The employer displays the list of names of members of an occupational health and safety committee within the appropriate and visible place in premises of the workplace.</p> <p>Subject to provisions of Paragraph One of this Article, a copy of the list of names of members of the occupational health and safety committee is submitted to the labour inspector of where the enterprise is located in case of a private enterprise.</p> <p>For a public institution, the list of names of members of the occupational health and safety committee is submitted to the Ministry in charge of labour.</p> <p><u>Article 21: Responsibilities of an occupational health and safety committee</u></p> <p>An occupational health and safety committee</p>	<p>Juridique qui sont membres permanents du comité de santé et de sécurité au travail, les autres membres du comité de santé et de sécurité au travail sont élus pour un mandat de trois ans (3) renouvelable une fois.</p> <p><u>Article 20 : Affichage de la liste des membres du comité de santé et de sécurité au travail</u></p> <p>L'employeur affiche la liste des membres du comité de santé et de sécurité au travail dans un endroit approprié et visible dans les locaux du lieu de travail.</p> <p>Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier du présent article, une copie de la liste des noms des membres du comité de santé et de sécurité au travail est soumise à l'inspecteur du travail du lieu de l'entreprise dans le cas d'une entreprise privée.</p> <p>Pour une institution publique, la liste des membres du comité de santé et de sécurité au travail est soumise au ministère chargé du travail.</p> <p><u>Article 21 : Attributions d'un comité de santé et de sécurité au travail</u></p> <p>Le comité de santé et de sécurité au travail a les</p>
---	---	--

<p>inshingano zikurikira:</p> <p>1° gusesengura impanuka zikomoka ku kazi abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo bakora mu kigo cy'abikorera cyangwa urwego rwa Leta bashobora guhura na zo;</p> <p>2° gukora iperereza mu gihe impanuka cyangwa indwara byaturutse ku murimo no gutanga inama ku ngamba zo gukumira iyo mpanuka cyangwa iyo ndwara;</p> <p>3° gukora iperereza ku mpanuka yateje urupfu cyangwa yatuma habaho ubumuga buhoraho cyangwa yerekanye ko habaho ihungabana rikomeye ku buzima n'umutekano ku kazi by'umukozi, uwitoza cyangwa uwimenyereza umurimo no gufata imyanzuro;</p> <p>4° guha umukoresha, buri gihe, imibare y'impanuka, indwara n'impfu bikomoka ku kazi no gukora raporo ngaruka gihembwe igaragaza uburyo ikigo cyangwa urwego bireba bigenda bifata ingamba zo kuzikumira;</p>	<p>has the following responsibilities:</p> <p>1° to analyse occupational hazards to which employees, interns or apprentices of a private enterprise or public institution may be exposed;</p> <p>2° to conduct investigations in case of an occupational hazard or disease and propose preventive and protection measures for that accident or disease;</p> <p>3° to conduct investigations on an occupational accident resulting in death or causing permanent incapacity or having revealed the existence of a serious danger to the occupational health and safety of the employee, intern or apprentice and to draw conclusions;</p> <p>4° to submit to the employer regularly updated statistics on occupational hazards, diseases and deaths and to make quarterly reports indicating how the concerned enterprise or institution is progressing in taking measures to prevent them;</p>	<p>attributions suivantes :</p> <p>1° analyser les accidents professionnels auxquels les employés, les stagiaires ou les apprentis d'une entreprise privée ou d'une institution publique peuvent être exposés;</p> <p>2° procéder aux enquêtes en cas d'un accident ou maladie professionnel et proposer les mesures de prévention et de protection contre cet accident ou cette maladie;</p> <p>3° procéder aux enquêtes sur un cas d'accident professionnel ayant entraîné la mort ou une incapacité permanente ou ayant révélé l'existence d'un danger grave sur la santé et la sécurité au travail de l'employé, du stagiaire ou de l'apprenti et en tirer les conclusions;</p> <p>4° transmettre à l'employé régulièrement des statistiques liées aux accidents, aux maladies et aux décès liés au travail et établir des rapports trimestriels indiquant la manière dont l'entreprise ou l'institution concernée évolue dans la prise des mesures pour les prévenir;</p>
--	--	--

<p>5° kwita kw'ishyirwa mu bikorwa ry'ibisabwa n'amategeko n'amabwiriza ajyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi;</p>	<p>5° to ensure the implementation of occupational health and safety laws and regulations;</p>	<p>5° s'assurer de la mise en œuvre des lois et règlements en rapport avec la santé et la sécurité au travail;</p>
<p>6° gutanga inama ku kintu cyakorwa ku bijyanye n'uburyo bw'imikorere y'akazi bwizewe kurusha ubundi bigakorwa hatoranywa ibikoresho bya ngombwa ku kazi no kubihuza n'ahakorera umurimo;</p>	<p>6° to provide advice on an initiative relating to most reliable methods of work through the choice of materials necessary for the work and to match them with workplace;</p>	<p>6° donner les conseils sur toute initiative relative aux méthodes de travail les plus sûres par le choix des matériels nécessaires au travail et les associer avec le lieu de travail ;</p>
<p>7° gusobanura hifashishwa uburyo bwose bunozwe, igisobanuro cy'icyago gikomoka ku kazi;</p>	<p>7° to explain, through any effective means, the meaning of an occupational risk;</p>	<p>7° utiliser tous les moyens efficaces pour expliquer le sens du risque professionnel ;</p>
<p>8° gutanga inama ku byerekeye gahunda z'amahugurwa ku byerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi n'uko zavugururwa;</p>	<p>8° to provide advice on occupational health and safety training programmes and how they may be revised;</p>	<p>8° fournir les conseils sur les programmes de formation de santé et de sécurité au travail et comment ils peuvent être révisés ;</p>
<p>9° gusuzuma mu gihe kiboneye, inyandiko zirebana n'ibikorwa by'amahugurwa ku buzima n'umutekano ku kazi, igihe bimara n'ingengo y'imari iteganyijwe kugira ngo ibi bikorwa by'amahugurwa bishyirwe mu bikorwa neza;</p>	<p>9° examine, in appropriate time, documents concerning occupational health and safety training activities, duration and forecast budget to ensure the effective implementation of these training activities;</p>	<p>9° examiner les documents concernant les activités de formation pour la santé et sécurité au travail, la durée et le budget prévu pour assurer la mise en œuvre effective de ces activités de formation;</p>
<p>10° gukora ku buryo hafatwa ingamba zikwiye mu guhugura no kongerera abakozi ubumenyi mu byerekeye</p>	<p>10° to ensure that appropriate measures are taken to provide training to employees and upgrade their skills in</p>	<p>10° veiller à ce que toutes les mesures appropriées soient prises pour fournir la formation aux employés et améliorer</p>

<p>ubuzima n’umutekano ku kazi;</p> <p>11° kwita ku gikorwa cyo gutunganya no guhugura itsinda rishinzwe ubutabazi bw’ibanze ku kazi mu kigo cyangwa urwego no kureba niba iryo tsinda rifite ibikoresho rikeneye kugira ngo ryuzuze inshingano zaryo no gukora ku buryo abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo bahuye n’impanuka bahabwa ubutabazi bw’ibanze;</p> <p>12° gukangurira abakozi, abitoza cyangwa abimenyereza umurimo ibibazo bijyanye n’ubuzima n’umutekano ku kazi no guteza imbere umuco wo gukumira impanuka n’indwara bikomoka ku kazi no kurwanya indwara zandura cyangwa ikindi kibazo cyose cy’ubuzima muri rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 22: Raporo y’igihembwe</u></p> <p>Komite y’ubuzima n’umutekano ku kazi mu kigo cy’abikorera cyangwa urwego rwa Leta zikora raporo ngarukagihembwe igaragaza ishusho rusange y’ubuzima n’umutekano ku kazi ikayishyikiriza umukoresha.</p>	<p>the field of occupational health and safety;</p> <p>11° to ensure the organisation and training of the team tasked with providing first-aid at workplace within enterprise or institution and ensure that it is provided with equipment necessary for discharging its duties and to work in the manner that employees, interns or apprentices get first aid in case of an occupational hazard;</p> <p>12° to sensitise employees, interns or apprentices on occupational health and safety related issues and develop a culture of prevention of occupational hazards and diseases and fight against transmissible diseases or any other public health danger.</p> <p><u>Article 22: Quarterly report</u></p> <p>An occupational health and safety committee in a private enterprise or public institution prepares a quarterly report on the state of occupational health and safety at workplace and submits it to the employer.</p>	<p>leurs compétences en matière de santé et sécurité au travail ;</p> <p>11° s’assurer de l’organisation et de la formation de l’équipe chargée de fournir les premiers secours sur le lieu de travail au sein de l’entreprise ou institution et s’assurer qu’elle dispose de l’équipement nécessaire pour s’acquitter de ses fonctions et travailler de façon que les employés, les stagiaires ou les apprentis reçoivent les premiers secours en cas d’accident professionnel;</p> <p>12° sensibiliser les employés, les stagiaires ou les apprentis en matière de santé et de sécurité au travail et développer une culture de prévention des accidents et maladies professionnels et lutter contre les maladies transmissibles ou tout autre problème de santé publique.</p> <p><u>Article 22: Rapport trimestriel</u></p> <p>Un comité de santé et de sécurité au travail dans une entreprise privée ou dans une institution publique prépare un rapport trimestriel sur la situation de la santé et de la sécurité au travail et le transmet à l’employeur.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 23: Amahugurwa ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p> <p>Umukoresha agenera komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi amahugurwa ku bijyanye n'ubuzima n'umutekano ku kazi nibura rimwe mu mwaka.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Inama ya komite z'ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p> <p>Inama ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi iterana nibura rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa itumijwe na Visi Perezida wayo iyo Perezida adahari.</p> <p>Ubutumire bw'inama bugaragaza n'ibiri ku murongo w'ibyigirwa muri iyo nama kandi bugashyikirizwa abagize komite nibura mu minsi itatu (3) y'akazi mbere y'uko inama iterana.</p> <p>Inama ibera ahakorera akazi, igakorwa mu gihe cy'amasaha y'akazi kandi ibyemezo bifatwa ku bwumvikane busesuye.</p> <p><u>Ingingo ya 25: Igitabo cy'amakuru yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p> <p>Umukoresha ashakiriza komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi igitabo cyandikwamo</p>	<p><u>Article 23: Training for occupational health and safety committee</u></p> <p>An employer provides an occupational health and safety committee with training on occupational health and safety at least once a year.</p> <p><u>Article 24: Meeting of an occupational health and safety committee</u></p> <p>A meeting of the occupational health and safety committee is held at least once a quarter and whenever necessary at the invitation of its Chairperson or, in his or her absence, by its Deputy Chairperson.</p> <p>The invitation of the meeting specifies its agenda and is issued to the members of the committee within three (3) working days before the meeting is held.</p> <p>The meeting is held within the premises of the workplace during working hours and the decisions are taken by consensus.</p> <p><u>Article 25: Register of an occupational health and safety</u></p> <p>An employer provides the occupational health and safety committee with the register for</p>	<p><u>Article 23 : Formation pour le comité de santé et de sécurité au travail</u></p> <p>L'employeur fournit au comité de santé et de sécurité au travail une formation sur la santé et la sécurité au travail au moins une fois par an.</p> <p><u>Article 24 : Réunion d'un comité de santé et de sécurité au travail</u></p> <p>Une réunion du comité de santé et de sécurité au travail se tient au moins une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur invitation de son Président ou, en son absence, de son Vice-Président.</p> <p>L'invitation à la réunion précise l'ordre du jour et parvient aux membres du comité endéans trois (3) jours ouvrables avant la tenue de la réunion.</p> <p>La réunion se tient dans les du lieu de travail pendant les heures de travail et les décisions sont prises par consensus.</p> <p><u>Article 25 : Registre de la santé et de la sécurité au travail</u></p> <p>Un employeur fournit au comité de santé et de sécurité au travail un registre pour enregistrer</p>
--	--	---

<p>amakuru yose yerekeye ubuzima n'umutekano ku kazi.</p> <p>Igitabo kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo kigizwe n'ibice bibiri (2) bikurikira:</p> <p>1° igice cya mbere gishyirwamo raporo z'ibikorwa bya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi zerekeye ubugenzuzi, iperereza n'inyandikomvugo z'inama za komite;</p> <p>2° igice cya kabiri gishyirwamo amakuru arebana n'impanuka, indwara n'impfu bikomoka ku kazi n'icyakozwe kuri ibyo byago byabaye.</p> <p><u>Ingingo ya 26: Gukurikirana imikorere ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi</u></p> <p>Umukoresha, umugenzuzi w'umurimo w'aho ikigo gikorera n'ushinzwe ubuzima n'umutekano ku kazi ku rwego rw'Igihugu ni bo bashinzwe gukurikirana imikorere ya komite y'ubuzima n'umutekano ku kazi.</p>	<p>recording occupational health and safety related information.</p> <p>The register mentioned in Paragraph One of this Article comprises the following two (2) parts:</p> <p>1° the first part contains reports of the occupational health and safety committee regarding findings of inspections and investigations conducted and minutes of the committee meetings;</p> <p>2° the second part contains information on occupational hazards, diseases and deaths and actions taken against them.</p> <p><u>Article 26: Monitoring of functioning of an occupational health and safety committee</u></p> <p>The employer, the labour inspector from where the institution is located and the person in charge of occupational health and safety at national level are responsible for monitoring the functioning of occupational health and safety committee.</p>	<p>les informations relatives à la santé et à la sécurité au travail.</p> <p>Le registre visé à l'alinéa premier du présent article comprend deux (2) parties suivantes :</p> <p>1° la première partie contient des rapports du comité de santé et de sécurité au travail concernant les résultats des inspections et des enquêtes menées et les procès-verbaux des réunions du comité ;</p> <p>2° la deuxième partie contient les informations sur les accidents, les maladies et les décès liés au travail et les mesures prises à leur encontre.</p> <p><u>Article 26 : Suivi du fonctionnement d'un comité de santé et de sécurité au travail</u></p> <p>L'employeur, l'inspecteur de travail du lieu de l'institution et l'agent chargé de la santé et de la sécurité au travail au niveau national sont responsables du suivi du fonctionnement du comité de santé et de sécurité au travail.</p>
---	---	--

UMUTWE WA III: KWANDIKISHA INZEGO ZIHAGARARIRA ABAKOZI N'IZIHAGARARIRA ABAKORESHA	CHAPTER III: REGISTRATION OF EMPLOYEES' ORGANISATIONS AND EMPLOYERS' ORGANISATIONS	CHAPITRE III : ENREGISTREMENT DES ORGANISATIONS DES TRAVAILLEURS ET DES ORGANISATIONS DES EMPLOYEURS
<p><u>Ingingo ya 27:</u> Kwandika urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p>	<p><u>Article 27:</u> Registration of an employees' organisation or employers' organisation</p>	<p><u>Article 27</u> : Enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p>
<p>Minisiteri ifite umurimo mu nshingano ni yo ifite inshingano yo kwandika urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha.</p>	<p>The Ministry in charge of labour is responsible for registration of an employees' organisation or employers' organisation.</p>	<p>Le ministère chargé du travail est responsable de l'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs.</p>
<p>Icyakora, inzego zihagararira abakozi ziyandikisha mu rwego ngenzuramikorere rwashyizweho n'inzego zihagararira abakozi mbere yo gusaba kwandikwa na Minisiteri ifite umurimo mu nshingano.</p>	<p>However, employees' organisations are registered by a self-regulatory body established by employees' organisations before requesting the registration from the Ministry in charge of labour.</p>	<p>Toutefois, les organisations des travailleurs sont enregistrées par un organe d'autorégulation mis en place par les organisations des employés avant de demander l'enregistrement auprès du Ministre ayant le travail dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 28:</u> Ibisabwa mu kwandikisha urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p>	<p><u>Article 28:</u> Conditions for registration of an employees' organisation or employers' organisation</p>	<p><u>Article 28</u> : Conditions requises pour l'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p>
<p>Urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha rusaba kwiandikisha rugomba kuba rwujuje ibisabwa bikurikira:</p>	<p>An employees' organisation or employers' organisation which applies for registration must meet the following conditions:</p>	<p>Une organisation des travailleurs ou une organisation des employeurs qui demande l'enregistrement doit remplir les conditions requises suivantes :</p>
<p>1 ° kwandikira ibaruwa isaba kwiandikisha Minisiteri ifite</p>	<p>1 ° to address a letter requesting for registration to the Ministry in charge</p>	<p>1 ° adresser une lettre de demande d'enregistrement au Ministère ayant le</p>

<p>umurimo mu nshingano, rukagera kopi Umujyi wa Kigali cyangwa Akarere urwo rwego rusaba kwandikwa rufitemo icyicaro gikuru;</p> <p>2° kugaragaza umwirondoro wa buri munyamuryango uri mu bagize Komite nyobozi;</p> <p>3° kuba rufite amategeko shingiro yanditse nibura mu ndimi eshatu (3) zemewe mu butegetsi ariho umukono wa noteri;</p> <p>4° kugaragaza inyandikomvugo n'imyirondoro y'abanyamuryango bagize Inteko rusange biriho imikono y'abanyamuryango n'uwa noteri;</p> <p>5° kugira icyemezo cy'impuzamasendika y'abakozi sendika y'abakozi ishamikiyeho;</p> <p>6° kugira icyemezo kigaragaza ihuriro ry'abakoresha ishyirahamwe ry'abakoresha ribarizwamo;</p> <p>7° kugira icyemezo cy'ubucuruzi kuri buri munyamuryango w'ishyirahamwe ry'abakoresha gitangwa n'urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>8° kugira icyangombwa cyerekana ko</p>	<p>of labour, and reserve a copy to the City of Kigali or the District of where the organisation requesting to be registered has a head office;</p> <p>2° to present identity of every member of the Executive Committee;</p> <p>3° to have statutes of the organisation written at least in three (3) official languages and signed by the notary;</p> <p>4° to present minutes and list of members of the General Assembly signed by the members and the notary;</p> <p>5° to possess a recommendation letter issued by a federation where a trade union is affiliated;</p> <p>6° to possess a recommendation letter issued by a chamber where an employers' association is affiliated;</p> <p>7° to have a trading license of every member of an employer's association issued by a competent authority;</p> <p>8° to have a criminal record of each</p>	<p>travail dans ses attributions, avec copie à la Ville de Kigali ou au District où l'organisation qui demande à être enregistrée a le siège social;</p> <p>2° présenter l'identité de chaque membre du Comité Exécutif;</p> <p>3° avoir les statuts de l'organisation écrits dans trois (3) langues officielles au moins et signés par le notaire;</p> <p>4° présenter un procès verbal et une liste des membres de l'Assemblée Générale signés par les membres et le notaire;</p> <p>5° posséder une recommandation de la fédération à laquelle un syndicat est affilié;</p> <p>6° posséder une recommandation de la chambre où une association des employeurs est affiliée;</p> <p>7° avoir un registre de commerce pour chaque membre de l'association des employeurs délivrée par une autorité compétente;</p> <p>8° avoir un extrait du casier judiciaire</p>
--	---	---

<p>buri wese mu bagize Komite Nyobozi ya sendika y'abakozi cyangwa buri wese mu bagize Komite Nyobozi y'ishyirahamwe ry'abakoresha atakatiwe n'inkiko igihano kingana nibura n'amezi atandatu (6);</p> <p>9° kugira izina ritandukanye n'ay'izindi nzego ziyandikishije.</p> <p>Haseguriwe ibivugwa mu gika cya mbere mu gaka ka 5° k'iyi ngingo, impuzamasendika y'abakozi ntishobora gutanga icyemezo ku nzego z'abakozi zirenze rumwe zikora mu cyiciro cy'imirimo kimwe.</p> <p><u>Ingingo</u> ya 29: Umubare w'abanyamuryango usabwa mu kwandikisha urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p> <p>Bitabangamiye ibivugwa mu ngingo ya 28 y'iri teka, umubare w'abanyamuryango usabwa mu kwandikisha urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha uteye ku buryo bukurikira:</p> <p>1° sendika isaba kwiyandikisha igomba kuba ifite abanyamuryango nibura ijana (100) bakorera mu cyiciro</p>	<p>member of the Executive Committee of a trade union or each member of the Executive Committee of an employers' association certifying that they were not sentenced to an imprisonment of at least six (6) months;</p> <p>9° to have a different name from other registered organisations.</p> <p>Subject to the provisions of Paragraph One, Item 5° of this Article, a federation of employees may not provide a recommendation to more than one employees' organisation working in the same sector of activity.</p> <p><u>Article 29: Required number of members to register an employees' organisation or employers' organisation</u></p> <p>Without prejudice to the provisions of Article 28 of this Order, the required number of members to register an employees' organisation or employers' organisation is as follows:</p> <p>1° a trade union that requests for registration must have at least one hundred (100) members working in</p>	<p>attestant que chaque membre du Comité Exécutif du syndicat des travailleurs ou chaque membre du Comité Exécutif de l'association des employeurs n'a pas été condamné à une peine d'emprisonnement d'au moins six (6) mois;</p> <p>9° avoir un nom différent de ceux des autres organisations déjà enregistrées.</p> <p>Sous réserve des dispositions de l'alinéa premier, point 5° du présent article une fédération de travailleurs ne peut pas fournir une recommandation à plus d'une organisation des travailleurs travaillant dans le même secteur d'activité.</p> <p><u>Article 29 : Nombre requis des membres pour l'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</u></p> <p>Sans préjudice des dispositions de l'article 28 du présent arrêté, le nombre requis des membres pour l'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs est comme suit:</p> <p>1° un syndicat qui demande l'enregistrement doit avoir au moins cent (100) membres travaillant dans le</p>
---	--	---

<p>cy'umurimo sendika ishaka gukoreramo;</p> <p>2 ° ishyirahamwe ry'abakoresha risaba kwiwandikisha rigomba kuba rifite nibura abakoresha icumi (10) mu cyiciro cy'umurimo rishaka gukoreramo;</p> <p>3 ° amasendika y'abakozi nibura atatu (3) yanditse mu kwandikisha impuzamasendika y'abakozi, n'amashyirahamwe y'abakoresha atatu (3) yanditse mu kwandikisha ihuriro ry'abakoresha;</p> <p>4 ° impuzamasendika z'abakozi nibura eshatu (3) mu kwandikisha urugaga rw'abakozi, n'amahuriro icumi (10) y'abakoresha mu kwandikisha urugaga rw'abakoresha;</p> <p>5 ° ingaga nibura eshanu (5) z'abakoresha mu kwandikisha impuzangaga y'abakoresha.</p>	<p>the sector of activity where the trade union intends to work;</p> <p>2 ° an employers' association that requests for registration must have at least ten (10) employers that are in the sector of activity where it intends to work;</p> <p>3 ° at least three (3) registered trade unions of employees to register a federation of employees and three (3) registered associations of employers to register a chamber of employers;</p> <p>4 ° at least three (3) federations of employees to register a confederation of employees and (10) chambers of employers to register a federation of employers;</p> <p>5 ° at least five (5) federations of employers to register a confederation of employers.</p>	<p>secteur d'activité où le syndicat va exercer ses activités;</p> <p>2 ° une association d'employeurs qui demande l'enregistrement doit avoir au moins dix (10) employeurs qui sont dans le secteur d'activité où elle va exercer ses activités;</p> <p>3 ° au moins trois (3) syndicats des travailleurs enregistrés pour enregistrer une fédération des travailleurs et trois (3) associations des employeurs enregistrés pour enregistrer une chambre des employeurs ;</p> <p>4 ° au moins trois (3) fédérations des travailleurs enregistrées pour enregistrer une confédération des travailleurs et dix (10) chambres d'employeurs pour enregistrer une fédération d'employeurs;</p> <p>5 ° au moins cinq (5) fédérations des employeurs enregistrées pour enregistrer une confédération des employeurs.</p>
---	---	--

<p><u>Igingo ya 30:</u> Igihe cyo gusubiza ubusabe bwo kwandikisha urwego ruhagararira abakozi cyangwa urwego ruhagararira abakoresha</p> <p>Minisiteri ifite umurimo mu nshingano, isubiza mu nyandiko yemera cyangwa yanga kwandika urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) uherye igihe yakiriye ubusabe bwo kwandikisha urwego.</p> <p><u>Igingo ya 31:</u> Impamvu zo kwanga kwandika urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha</p> <p>Minisiteri ifite umurimo mu nshingano, ishobora kwanga kwandika urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha kubera impamvu zikurikira:</p> <p>1 ° kutubahiriza ibisabwa mu kwiandikisha biteganywa n'iri teka;</p> <p>2 ° iyo hari ibimenyetso bigaragaza ko urwego rusaba kwandikwa rugamije guhungabanya umutekano, ituze, ubuzima, imyitwarire myiza cyangwa uburenganzira bwa muntu.</p>	<p><u>Article 30:</u> Time frame for responding to the request for registration of an employees' organisation or employers' organisation</p> <p>The Ministry in charge of labour responds in writing by accepting or refusing to register an employees' organisation or employers' organisation within sixty (60) days from the date of reception of the request for registration of the organisation.</p> <p><u>Article 31:</u> Reasons for refusal of registration of an employees' organisation or employers' organisation</p> <p>The Ministry in charge of labour may refuse to register employees' organisation or employers' organisation due to the following reasons:</p> <p>1 ° non-fulfilment of conditions of registration provided for in this Order;</p> <p>2 ° if there is evidence that the organisation applying for registration intends to jeopardize security, public order, health, morals or human rights.</p>	<p><u>Article 30 :</u> Délai de réponse à la demande d'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p> <p>Le Ministère ayant le travail dans ses attributions répond par écrit en acceptant ou en refusant l'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs endéans soixante (60) jours à compter de la date de réception de la demande d'enregistrement de l'organisation.</p> <p><u>Article 31 :</u> Motifs de refus d'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs</p> <p>Le Ministère ayant le travail dans ses attributions peut refuser d'enregistrer une organisation des travailleurs ou une organisation des employeurs pour les motifs suivants :</p> <p>1 ° le non-respect des conditions requises pour l'enregistrement prévues par le présent arrêté;</p> <p>2 ° lorsqu'il y a des preuves que l'organisation qui demande l'enregistrement a pour but de déstabiliser la sécurité, l'ordre public, la santé, la morale ou les droits de la personne.</p>
--	---	---

<u>Ingingo ya 32: Ibikubiye mu mategeko shingiro</u>	<u>Article 32: Contents of the statutes</u>	<u>Article 32: Contenu des statuts</u>
<p>Amategeko shingiro agenga urwego ruhagararira abakozi cyangwa urwego ruhagararira abakoresha agomba kuba akubiyemo nibura ibi bikurikira:</p>	<p>Statutes regulating an employees' organisation or employers' organisation must contain at least the following:</p>	<p>Les statuts régissant une organisation des travailleurs ou une organisation des employeurs doivent contenir au moins ce qui suit:</p>
<p>1 ° izina ry'urwego;</p>	<p>1 ° the name of the organisation;</p>	<p>1 ° la dénomination de l'organisation;</p>
<p>2 ° intego, ibikorwa n'icyicaro;</p>	<p>2 ° the mission, activities and the head office;</p>	<p>2 ° la mission, le champ d'activités et le siège social;</p>
<p>3 ° ingingo igaragaza ko ari urwego rudaharanira inyungu;</p>	<p>3 ° a provision indicating that it is a non-profit organisation;</p>	<p>3 ° une clause indiquant que c'est une organisation sans but lucrative;</p>
<p>4 ° uburyo bwo kuba no gutakaza ubunyamuryango;</p>	<p>4 ° procedures for and loss of membership;</p>	<p>4 ° la procédure d'acquisition et de perte d'adhésion;</p>
<p>5 ° uburyo bwo kwishyura imisanzu;</p>	<p>5 ° modalities of payment of contributions;</p>	<p>5 ° les modalités de paiement des contributions;</p>
<p>6 ° uburyo inama ziterana, umubare wa ngombwa ngo ziterane n'uburyo ibyemezo bifatwa;</p>	<p>6 ° modalities for meetings, quorum and decisions making;</p>	<p>6 ° les modalités de réunion, le quorum et la prise de décisions;</p>
<p>7 ° abagize Komite nyobozi n'inshingano zabo;</p>	<p>7 ° members of the Executive Committee and their responsibilities;</p>	<p>7 ° les membres du Comité Exécutif et leurs attributions;</p>
<p>8 ° uburyo bwo gutora abagize Komite nyobozi n'uburyo basimburwa;</p>	<p>8 ° procedures for election of the Executive Committee members and their replacement;</p>	<p>8 ° les procédures d'élection des membres du Comité Exécutif et leur remplacement;</p>

<p>9 ° umubare w’abagize Komite nyobozi n’igihe bamara ku mirimo;</p> <p>10 ° urwego n’uburyo bwo gukemura amakimbirane;</p> <p>11 ° imikoreshereze y’umutungo n’uburyo bwo kuwugenzura;</p> <p>12 ° uburyo bwo gusesa urwego ruhagararira abakozi cyangwa urwego ruhagararira abakoresha n’aho umutungo ujya;</p> <p>13 ° inshingano z’urwego zikurikira:</p> <p>a) gushyikiriza Minisiteri ifite umurimo mu nshingano, raporo y’umwaka igaragaza ibikorwa byakozwe n’ikoreshwa ry’umutungo;</p> <p>b) kumenyesha Minisiteri ifite umurimo mu nshingano, ibyahindutse mu mategeko shingiro yarwo, uhagarariye urwego imbere y’amategeko, umubare w’abanyamuryango n’icyicaro gikuru cyawo.</p>	<p>9 ° the number of members of the Executive Committee and their term of office;</p> <p>10 ° the organ and mechanisms for conflict resolution;</p> <p>11 ° modalities of financial management and audit;</p> <p>12 ° procedures for dissolution of an employees’ organisation or employers’ organisation and transfer of property;</p> <p>13 ° the following responsibilities of an organisation:</p> <p>a) to submit to the Ministry in charge of labour an annual report of its accomplished activities and a financial statement;</p> <p>b) to notify to the Ministry in charge of labour any changes in its statutes, legal representative, members and the head office.</p>	<p>9 ° le nombre de membres du Comité Exécutif et la durée de leur mandat;</p> <p>10 ° l’organe et les mécanismes de résolution des conflits;</p> <p>11 ° les modalités de gestion financière et d’audit financier;</p> <p>12 ° les modalités de dissolution d’une organisation des travailleurs ou d’une organisation des employeurs et le transfert de propriété;</p> <p>13 ° les attributions d’une organisation suivantes:</p> <p>a) soumettre au Ministère ayant le travail dans ses attributions le rapport annuel de ses activités accomplies et l’état financier;</p> <p>b) notifier au Ministère ayant le travail dans ses attributions des changements concernant ses statuts, son représentant légal, ses membres et son siège social.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 33: icyemezo cy'iyandikwa</u></p> <p>Minisiteri ifite umurimo mu nshingano iha urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha icyemezo cy'iyandikwa nyuma y'itangazwa ry'amategeko shingiro mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p><u>Article 33: Certificate of registration</u></p> <p>The Ministry in charge of labour issues a certificate of registration to the employees' organisation or employers' organisation after publication of the statutes in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p><u>Article 33 : Certificat d'enregistrement</u></p> <p>Le Ministère ayant le travail dans ses attributions octroie un certificat d'enregistrement à l'organisation des travailleurs ou l'organisation des employeurs après la publication des statuts au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
<p><u>Ingingo ya 34: Kwambura icyemezo cy'iyandikwa</u></p> <p>Minisiteri ifite umurimo mu nshingano ishobora kwambura urwego ruhagararira abakozi cyangwa uruhagararira abakoresha icyemezo cy'iyandikwa iyo –</p> <p>1° bigaragaye ko urwego rukora ibikorwa bihungabanya umutekano rusange, ituze, ubuzima cyangwa bivogera uburenganzira bwa muntu;</p> <p>2° bigaragaye ko urwego rwatanze amakuru y'uburiganya mu gihe cy'iyandikwa; cyangwa</p> <p>3° urwego rusheshwe n'urukiko rubifitiye ububasha ku mpamvu z'uko rukora ibikorwa bibangamira umutekano rusange, ituze, ubuzima,</p>	<p><u>Article 34: Withdrawal of a certificate of registration</u></p> <p>The Ministry in charge of labour may withdraw a certificate of registration from an employees' organisation or employers' organisation if –</p> <p>1° there is a reason to believe that an organisation performs activities that undermine national security, health, public order or activities that violate human rights;</p> <p>2° it is evident that an organisation provided fraudulent information during registration; or</p> <p>3° the organisation is dissolved by the competent court on the grounds of breaching national laws, jeopardizing security, public order, health, morals</p>	<p><u>Article 34 : Retrait du certificat d'enregistrement</u></p> <p>Le Ministère ayant le travail dans ses attributions peut retirer le certificat d'enregistrement à une organisation des travailleurs ou une organisation des employeurs–</p> <p>1° s'il y a une raison de croire qu'une organisation exerce les activités qui portent atteinte à la sécurité nationale, à la santé, à l'ordre public ou des activités qui violent les droits de l'homme;</p> <p>2° s'il est évident qu'une organisation a fourni les informations frauduleuses lors de l'enregistrement; ou</p> <p>3° en cas de dissolution de l'organisation pour causes de violation des lois nationales ou d'atteinte à la sécurité, l'ordre public, la santé, la morale ou aux</p>

<p>imytwarire cyangwa ruvogera uburenganzira bwa muntu, bisabwe n'urwego cyangwa undi muntu bibifitemo inyungu.</p> <p><u>Ingingo ya 35: Guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa</u></p> <p>Minisiteri ifite umurimo mu nshingano, ishobora guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa ry'urwego ruhagararira abakozi cyangwa urwego ruhagararira abakoresha mu gihe cy'amezi atandatu (6) bitewe n'uburemere bw'ingaruka z'impamvu zivugwa mu ngingo ya 34 y'iri teka.</p> <p><u>Ingingo ya 36: Kuregera urukiko</u></p> <p>Urwego ruhagararira abakozi cyangwa urwego ruhagararira abakoresha rutanyuzwe n'icyemezo cyo kwambura cyangwa guhagarika by'agateganyo icyemezo cy'iyandikwa rushobora kuregera urukiko rubifiye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 37: Inzego zisanzwe ziriho</u></p> <p>Inzego zihagararira abakozi n'inzego zihagararira abakoresha zisanzwe ziriho zigomba guhuza imikorere yazo n'ibiteganywa n'uyu mutwe mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) uhereye umunsi iri teka ritangirira gukurikizwa.</p>	<p>or human rights, upon request by an interested organ or person.</p> <p><u>Article 35: Suspension of certificate of registration</u></p> <p>The Ministry in charge of labour may suspend the certificate of registration of employees' organisation or employers' organisation for a period of six (6) months depending on the seriousness of consequences of the grounds mentioned in Article 34 of this Order.</p> <p><u>Article 36: Petitioning the court</u></p> <p>An employees' organisation or employers' organisation dissatisfied with the decision of withdrawal or suspension of the certificate of registration may file a case with the competent court.</p> <p><u>Article 37: Existing organisations</u></p> <p>Existing employees' organisations and employers' organisations are required to harmonize their functioning with the provisions of this chapter within one (1) year from the date of commencement of this Order.</p>	<p>droits de la personne, sur demande de l'organe ou de la personne intéressée.</p> <p><u>Article 35: Suspension d'un certificat d'enregistrement</u></p> <p>Le Ministère ayant le travail dans ses attributions peut suspendre un certificat d'enregistrement d'une organisation des travailleurs ou d'une organisation des employeurs durant six (6) mois sur base de la gravité des conséquences des motifs mentionnés à l'article 34 du présent arrêté.</p> <p><u>Article 36 : Saisir la juridiction</u></p> <p>Une organisation des travailleurs ou une organisation des employeurs qui n'est pas satisfaite par la décision de retrait ou de suspension du certificat d'enregistrement peut saisir la juridiction compétente.</p> <p><u>Article 37 : Organisations en place</u></p> <p>Les organisations des travailleurs et les organisations des employeurs en place harmonisent leur fonctionnement avec les dispositions du présent arrêté endéans un (1) an à compter de la date d'entrée en vigueur du présent arrêté.</p>
--	--	---

<p><u>UMUTWE WA IV: IMIRIMO IBUJIJWE KU MWANA N'IYOROHEJE UMWANA YEMERWE GUKORA</u></p> <p><u>Ingingo ya 38:</u> Urutonde rw'imirimo ibujijwe ku mwana</p> <p>Umwana utarageza ku myaka cumi n'umunani (18), abujijwe gukora imirimo iri ku mugereka wa I w'iri teka.</p> <p>Imirimo ivugwa muri iyi ngingo irabujijwe ku mwana ukora mu nzego za Leta no mu nzego z'abikorera.</p> <p><u>Ingingo ya 39:</u> Urutonde rw'imirimo yoroheje ku mwana</p> <p>Umwana uri hagati y'imyaka 13 na 15 yemerewe, mu nzego z'abikorera, gukora imirimo yoroheje iri ku mugereka wa II w'iri teka.</p> <p>Umurimo woroheje ugomba kuba utabangamira inyungu z'imibereho y'umwana harimo ubuzima, imikurire, n'imyigire by'umwana.</p> <p>Umurimo woroheje ukorwa mu masaha yo ku manywa adashobora kurenga amasaha atandatu (6) ku munsu.</p>	<p><u>CHAPTER IV: PROHIBITED WORKS AND LIGHT WORKS FOR A CHILD</u></p> <p><u>Article 38:</u> List of prohibited works for a child</p> <p>A child below eighteen (18) years old is prohibited to perform works referred to in Annex I of this Order:</p> <p>The works mentioned in this Article are prohibited for a child who works in public service and the private sector.</p> <p><u>Article 39:</u> List of light works for a child</p> <p>A child aged between 13 and 15 is allowed, in private sector, to perform light works referred to in annex II of this order.</p> <p>A light work must not have a detrimental effect on child's life interests including the health, development and education of the child.</p> <p>Light works are performed in daily hours that may not exceed six (6) hours per day.</p>	<p><u>CHAPITRE IV: TRAVAUX INTERDITS ET TRAVAUX LÉGERS POUR UN ENFANT</u></p> <p><u>Article 38:</u> Liste des travaux interdits pour un enfant</p> <p>Il est interdit à un enfant de moins de dix huit ans (18) de faire des travaux visés en annexe I du présent arrêté.</p> <p>Les travaux mentionnés dans le présent article sont interdits à un enfant qui travaille dans la fonction publique et dans le secteur privé.</p> <p><u>Article 39 :</u> Liste des travaux légers pour un enfant</p> <p>Il est permis à un enfant âgé de 13 ans à 15 ans de faire, dans le secteur privé, les travaux légers visés en annexe II du présent arrêté.</p> <p>Un travail léger ne doit pas être nuisible aux intérêts de la vie d'un enfant, y compris la santé, le développement et l'éducation de l'enfant.</p> <p>Les travaux légers sont effectués dans des heures de la journée ne pouvant pas excéder six (6) heures par jour.</p>
---	---	--

<p>Umwana akora umurimo woroheje afite umuntu mukuru umuyobora.</p> <p>UMUTWE WA V: IMIKORERE Y’AKAZI KU MUKOZI W’UMUNYAMAHANGA MU RWANDA</p> <p><u>Ingingo ya 40:</u> Ibisabwa umukoresha ushaka gukoresha umukozi w’umunyamahanga</p> <p>Umukoresha wifuzaga gukoresha umukozi w’umunyamahanga agomba –</p> <p>1° gusuzuma niba umurimo yifuzaga gukoreshaho umukozi w’umunyamahanga uri ku rutonde rw’imirimo ikenewe irebana n’ubumenyi bwihariye;</p> <p>2° gusuzuma niba uwo munyamahanga yujuje ibisabwa kuri uwo murimo;</p> <p>3° gukurikiza amategeko agenga abinjira n’abasohoka mu Gihugu ku birebana n’uruhushya rwo gutura mu Gihugu; no</p> <p>4° gushaka umunyamahanga ufite uruhushya rwemewe n’urugaga</p>	<p>A child performs light work under supervision of an adult person.</p> <p>CHAPTER V: EMPLOYMENT OF A FOREIGN EMPLOYEE IN RWANDA</p> <p><u>Article 40:</u> Requirements for an employer who intends to employ a foreign employee</p> <p>An employer who intends to employ a foreign employee must –</p> <p>1° verify whether the job he or she intends to employ a foreigner is on the occupation in demand list;</p> <p>2° verify whether the foreigner fulfils the requirements for the job;</p> <p>3° comply with immigration and emigration laws in relation to residence permit; and</p> <p>4° recruit a foreigner whose license is recognised by a regulatory</p>	<p>L’enfant effectue le travail léger sous une supervision d’une personne majeure.</p> <p>CHAPITRE V : EMPLOI D’UN TRAVAILLEUR ÉTRANGER AU RWANDA</p> <p><u>Article 40 :</u> Conditions requises pour un employeur qui désire employer un travailleur étranger</p> <p>Un employeur qui a l’intention d’employer un travailleur étranger doit –</p> <p>1° vérifier si le métier pour lequel il a l’intention d’employer un travailleur étranger figure sur la liste des métiers en tension ;</p> <p>2° vérifier si l’étranger remplit les exigences du métier ;</p> <p>3° respecter la loi portant réglementation de l’immigration et émigration en ce qui concerne le permis de séjour ; et</p> <p>4° recruter un étranger dont la licence est agréée par un organe de réglementation</p>
--	--	---

<p>rw'abanyamwuga mu Rwanda iyo uwo murimo umunyamahanga akenewemo ufite urugaga rugenzura uwo mwuga.</p> <p><u>Ingingo ya 41: Ishyirwaho ry'urutonde rw'imirimo ikenewe irebana n'ubumenyi bwihariye</u></p> <p>Hashyizweho urutonde rw'imirimo ikenewe irebana n'ubumenyi bwihariye ruri ku mugereka wa III w'iri teka. Imirimo igaragara ku rutonde rw'imirimo ikenewe irebana n'ubumenyi bwihariye iri mu byiciro hashingiwe ku mahame yo gushyira imirimo mu byiciro agenderwaho mu Rwanda.</p> <p><u>Ingingo ya 42: Uburyo bwo kugenzura isoko ry'umurimo</u></p> <p>Uburyo bwo kugenzura isoko ry'umurimo ni ubu bukurikira:</p> <p>1° umukoresha atangaza umwanya ushakirwa umukozi ku rubuga rutangazwaho imirimo mu Rwanda mu gihe nibura cy'ibyumweru bibiri (2) kandi akagaragaza ko ashaka gusa ubusabe bw'Abanyarwanda;</p> <p>2° umukoresha asuzuma ubusabe, yasanga nta n'umwe mu basabye</p>	<p>professional body in Rwanda if the job to be occupied by the foreigner has a regulatory professional body.</p> <p><u>Article 41: Establishment of an occupation in demand list</u></p> <p>An occupation in demand list is established and is in Annex III of this Order. The jobs on the occupation in demand list are classified according to the classification standards of jobs in Rwanda.</p> <p><u>Article 42: Procedures for conducting labour market testing</u></p> <p>The procedures for conducting the labour market testing are as follows:</p> <p>1° the employer advertises the vacancy on Rwanda job portal for a period of at least two (2) weeks and requests only for applications from Rwandans;</p> <p>2° the employer examines the applications, and if none of the</p>	<p>du métier au Rwanda, lorsque le métier à occuper par cet étranger a un organe de réglementation de la profession.</p> <p><u>Article 41 : Mise en place d'une liste des métiers en tension</u></p> <p>Une liste des métiers en tension est établie et figure en annexe III du présent arrêté. Les métiers figurant sur la liste des métiers en tension sont classés selon les standards de classification des métiers au Rwanda.</p> <p><u>Article 42 : Procédures d'effectuer un test du marché du travail</u></p> <p>Les procédures d'effectuer un test du marché du travail sont les suivantes :</p> <p>1° l'employeur annonce la vacance de poste sur le site d'emploi du Rwanda pour une période d'au moins deux (2) semaines et ne sollicite que les demandes des Rwandais;</p> <p>2° l'employeur examine les demandes, et si aucun des candidats ne remplit les</p>
---	---	--

<p>akazi wujuje ibisabwa kuri uwo mwanya, akabikorera raporo yanditse;</p> <p>3° umukoresha akora raporo yanditse iyo hakozwe ipiganwa risesuye kuri uwo mwanya;</p> <p>4° umukoresha ashyikiriza urwego rufite abinjira n’abasohoka mu nshingano raporo ivugwa mu gace ka 2° cyangwa aka 3° k’iyi ngingo kugira ngo zisuzumwe kandi hatangwe umwanzuro ku bufatanye n’urwego rufite mu nshingano guteza imbere ubumenyi. Urwego rufite abinjira n’abasohoka mu nshingano rutanga igisubizo mu minsi cumi n’itanu (15) y’akazi uhereye igihe rwakiriye ubusabe;</p> <p>5° umukoresha ashaka umukozi w’umunyamahanga akeneye ashingiye ku mwanzuro w’urwego rufite abinjira n’abasohoka mu nshingano ku isuzumwa rya raporo ivugwa mu gace ka 2° cyangwa aka 3° k’iyi ngingo, mu gihe kitarenze iminsi mironko (30) y’akazi ikurikira umunsi yakiriyeho uwo mwanzuro.</p>	<p>applicants fulfils the requirements for the position, the employer makes a written report;</p> <p>3° the employer makes a written report if an open competition has been done for that position;</p> <p>4° the employer submits to the organ in charge of immigration and emigration the report mentioned in item 2° or 3° of this Article for assessment and recommendation in collaboration with the organ in charge of skills development. The organ in charge of immigration and emigration provides a response within fifteen (15) working days from the reception of the request of the employer;</p> <p>5° the employer recruits a foreign employee upon recommendation of the organ in charge of immigration and emigration on the assessment of the report mentioned in Item 2° or 3° of this Article within thirty (30) working days after the reception of the recommendation.</p>	<p>conditions requises pour occuper le poste, il en fait un rapport écrit;</p> <p>3° l’employeur en fait un rapport écrit si une compétition ouverte a eu lieu pour ce poste;</p> <p>4° l’employeur soumet à l’organe chargé de l’immigration et émigration, le rapport mentionné au point 2° ou 3° du présent article pour évaluation et recommandation en collaboration avec l’organe ayant le développement des capacités dans ses attributions. L’organe chargé de l’immigration et de l’émigration donne une réponse dans quinze (15) jours ouvrables à compter de la réception de la demande de l’employeur ;</p> <p>5° l’employeur recrute le travailleur étranger, sur recommandation de l’organe ayant l’immigration et émigration dans ses attributions sur l’évaluation du rapport mentionné au point 2° ou 3° du présent article endéans trente (30) jours ouvrables suivant la réception de la recommandation.</p>
--	--	---

<p>Raporo iteganywa mu gace ka 2° k'iyi ngingo igaragaza amazina y'abasabye akazi.</p> <p>Raporo iteganywa mu gace ka 3° k'iyi ngingo iba igaragaza ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° amazina y'abakoze ikizamini; 2 ° ibibazo byabajijwe mu kizamini; 3 ° ibisubizo byari bikwiye; 4 ° ibisubizo byatanzwe n'abakoze ikizamini. 	<p>The report referred to in Item 2° of this Article specifies names of applicants.</p> <p>The report referred to in Item 3° of this Article specifies the following:</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° names of applicants who sat for the exam; 2 ° questions asked during exam; 3 ° marking scheme; 4 ° answer scripts of the applicants who sat for the exam. 	<p>Le rapport visé au point 2° du présent article spécifie les noms des candidats.</p> <p>Le rapport visé au point 3° du présent article spécifie ce qui suit :</p> <ul style="list-style-type: none"> 1 ° les noms des candidats qui ont fait l'examen; 2 ° les questions posées au cours de l'examen; 3 ° la grille de réponses; 4 ° les réponses des candidats.
<p><u>Ingingo ya 43: Ibisabwa mu gushaka umukozi w'umunyamahanga nyuma yo kugenzura isoko ry'umurimo</u></p> <p>Umukoresha wifuza gushaka umukozi w'umunyamahanga kubera ko yabuze umukozi w'Umunyarwanda ufite ubumenyi bukenewe agomba –</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° kugaragaza ko yagenzuye isoko ry'umurimo mu Rwanda ntabashe kubona Umunyarwanda ushoboye gukora uwo umurimo; 	<p><u>Article 43: Requirements for recruiting a foreign employee after labour market testing</u></p> <p>An employer who intends to recruit a foreign employee because he or she failed to get a Rwandan employee with the required skills must –</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° prove that he or she conducted a labour market testing and failed to get a qualified Rwandan employee to occupy the job; 	<p><u>Article 43 : Conditions requises pour recruter un travailleur étranger après le test du marché du travail</u></p> <p>L'employeur qui a l'intention de recruter un travailleur étranger parce qu'il n'a pas trouvé de travailleur rwandais avec les compétences souhaitées doit –</p> <ul style="list-style-type: none"> 1° prouver qu'il a effectué un test du marché du travail et n'a pas trouvé un travailleur rwandais qualifié pour occuper le métier;

<p>2° kugaragaza ko umukozi w'umunyamahanga afite impamyabumenyi n'uburambe bisabwa kuri uwo murimo; no</p> <p>3° gushyikiriza urwego rushinzwe abinjira n'abasohoka gahunda y'uburyo umukozi w'umunyamahanga azaha ubumenyi abakozi b'Abanyarwanda ndetse n'uburyo izashyirwa mu bikorwa.</p> <p><u>Ingingo ya 44:</u> Ibisabwa kugira ngo umukozi w'umunyamahanga aje mu mwanya uri mu masezerano</p> <p>Umukoresha ushaka gukoresha umukozi w'umunyamahanga ku murimo uri mu masezerano u Rwanda rwemeje burundu cyangwa rwashyizeho umukono, asabwa –</p> <p>1° kugenzura ko umurimo umunyamahanga aje gukora uri mu masezerano u Rwanda rwemeje burundu cyangwa rwashyizeho umukono; no</p> <p>2° kugaragaza ko umukozi w'umunyamahanga yujuje ibisabwa kugira ngo aje kuri uwo murimo.</p>	<p>2° prove that the foreign employee has the required academic qualification and experience for such job; and</p> <p>3° submit to the organ in charge of immigration and emigration the plan of transferring foreign employee's skills to Rwandan employees and its implementation plan.</p> <p><u>Article 44:</u> Requirements for a foreign employee to occupy a position specified in an agreement</p> <p>An employer who seeks for a foreign employee to occupy an occupation mentioned in an agreement ratified or signed by Rwanda is required –</p> <p>1° to verify whether the job to be occupied appears in the agreement ratified or signed by Rwanda; and</p> <p>2° to prove that the foreign employee fulfills the required conditions to occupy that job;</p>	<p>2° prouver que le travailleur étranger a une qualification académique et expérience requises pour ce métier; et</p> <p>3° soumettre à l'organe ayant l'immigration et émigration dans ses attributions le plan de transfert de compétences du travailleur étranger aux travailleurs rwandais et sa mise en œuvre.</p> <p><u>Article 44 :</u> Conditions requises pour qu'un travailleur étranger occupe un poste figurant dans un accord</p> <p>L'employeur qui cherche un travailleur étranger à occuper un métier figurant dans un accord ratifié ou signé par le Rwanda est tenu de –</p> <p>1° vérifier si le métier à occuper figure dans un accord ratifié ou signé par le Rwanda; et</p> <p>2° prouver que le travailleur étranger remplit les conditions pour occuper ce métier;</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 45:</u> Gukoresha umukozi w’umunyamahanga kubera inyungu rusange</p> <p>Ubuyobozi bw’urwego rufite abinjira n’abasohoka mu nshingano bushobora, kubera inyungu rusange, kwemerera umukoresha gukoresha mu Rwanda umukozi w’umunyamahanga wujuje ibisabwa kuri uwo mwanya.</p> <p><u>Ingingo ya 46:</u> Ibisabwa kugira ngo umukozi w’umunyamahanga watijwe cyangwa wimuwe akorere mu Rwanda</p> <p>Umukozi w’umunyamahanga utijwe cyangwa wimuwe n’isosiyete y’ubucuruzi mpuzamahanga cyangwa umuryango mpuzamahanga yemererwa gukorera mu Rwanda iyo uwo mukozi w’umunyamahanga akora –</p> <p>1° umurimo uri ku rutonde rw’imirimo ikenewe mu Rwanda;</p> <p>2° umurimo washyizwe ku rutonde rw’imirimo iri mu masezerano y’urujya n’uruza rw’abashaka umurimo u Rwanda rufitanye n’ibindi bihugu cyangwa undi umurimo uri mu yandi masezerano u Rwanda rwemeje burundu cyangwa rwashyizeho umukono;</p>	<p><u>Article 45:</u> Employment of a foreign employee due to public interest</p> <p>The authority of the organ in charge of immigration and emigration may, in public interest, may authorise an employer to employ a foreign employee who fulfils the requirements for the position.</p> <p><u>Article 46:</u> Requirements for a foreign employee under secondment or transfer to work in Rwanda</p> <p>A foreign employee under secondment or transfer by a multilateral trading company or an international organisation for which he or she works is authorised to work in Rwanda if the foreign employee occupies–</p> <p>1° a job that appears on occupation in demand list in Rwanda;</p> <p>2° a job that appears on the occupation list of the agreement on free movement of labour Rwanda signed with other countries or another job that appears in any other agreement ratified or signed by Rwanda;</p>	<p><u>Article 45 :</u> Employer un travailleur étranger pour des raisons d’intérêt public</p> <p>L’autorité de l’organe chargé de l’immigration et émigration peut, pour une raison d’intérêt public, autoriser un employeur à employer un travailleur étranger qui remplit les exigences du poste.</p> <p><u>Article 46 :</u> Conditions requises pour qu’un travailleur étranger travaille au Rwanda en raison d’un détachement ou d’une mutation</p> <p>Un travailleur étranger est autorisé à travailler au Rwanda en raison d’un détachement ou d’une mutation effectuée par une société commerciale multilatérale ou une organisation internationale d’où il travaille lorsque ce travailleur étranger occupe –</p> <p>1° un emploi figurant sur la liste des métiers en tension au Rwanda;</p> <p>2° un emploi figurant sur la liste des métiers de l’accord sur la libre circulation du travail que le Rwanda a signé avec d’autres pays ou autre post qui figure sur tout autre accord ratifié ou signé par le Rwanda;</p>
---	--	---

<p>3° umurimo umukoresha yabuze umukozi w'Umunyarwanda ufite ubumenyi bukenewe; cyangwa</p> <p>4° umurimo mu Rwanda kubera inyungu rusange.</p> <p><u>Ingingo ya 47: Inshingano z'umukoresha iyo umukozi w'umunyamahanga atangiye umurimo</u></p> <p>Mu gihe umukozi w'umunyamahanga atangiye umurimo, umukoresha afite inshingano zikurikira:</p> <p>1° gukoresha umukozi w'umunyamahanga umurimo ujyanye n'ibyashingiweho ahabwa uruhushya rwo gutura mu Gihugu;</p> <p>2° gushyira mu bikorwa ibisabwa byose no kugenzura ibijyanye no gutanga ubumenyi hagati y'umukozi w'umunyamahanga n'umukozi w'Umunyarwanda;</p> <p>3° korohera inzego zirebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'iri teka mu kubona amakuru akenewe ku bakozi b'abanyamahanga.</p>	<p>3° a job where the employer has failed to get a Rwandan employee with the required skills; or</p> <p>4° a job in Rwanda due to public interest.</p> <p><u>Article 47: Obligations of an employer upon foreign employee's commencement of work</u></p> <p>When a foreign employee starts work, the employer has the following obligations:</p> <p>1° to employ a foreign employee for a job for which he or she was issued the residence permit;</p> <p>2° to implement all the requirements and to ensure that skills transfer is undertaken between the foreign employee and a Rwandan employee;</p> <p>3° to facilitate the institutions entrusted with the implementation of this Order in getting information concerning foreign employees.</p>	<p>3° un emploi où l'employeur n'a pas trouvé un travailleur rwandais avec les compétences souhaitées; ou</p> <p>4° un emploi au Rwanda en raison de l'intérêt public.</p> <p><u>Article 47 : Obligations d'un employeur lorsque le travailleur étranger commence l'emploi</u></p> <p>Lorsque le travailleur étranger commence l'emploi, l'employeur a les obligations suivantes :</p> <p>1° employer un travailleur étranger pour le métier par lequel il a obtenu le permis de séjour;</p> <p>2° mettre en œuvre toutes les conditions requises et veiller à ce que le transfert de compétences est effectué entre le travailleur étranger et un travailleur rwandais;</p> <p>3° faciliter les institutions chargées de l'exécution du présent arrêté dans l'obtention d'informations concernant les travailleurs étrangers.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 48:</u> Inshingano z’umukoresha iyo amasezerano y’umukozi w’umunyamahanga asheshwe cyangwa arangiye</p> <p>Iyo amasezerano umukoresha yagiranye n’umukozi w’umunyamahanga asheshwe cyangwa arangiye, umukoresha abimenyesha mu nyandiko, urwego rushinzwe abinjira n’abasohoka.</p> <p><u>Ingingo ya 49:</u> Gutanga ubumenyi</p> <p>Mu rwego rwo gutanga ubumenyi hagati y’umukozi w’umunyamahanga n’umukozi w’Umunyarwanda, umukoresha agomba guteganya ku buryo busobanutse mu masezerano y’akazi inshingano z’umukozi w’umunyamahanga harimo n’inshingano yo kubaka ubushobozi bw’abakozi b’Abanyarwanda bakorana.</p> <p><u>Ingingo ya 50:</u> Uburyo bwo gutegura gahunda yo gutanga ubumenyi</p> <p>Urwego rwa Leta rufite guteza imbere ubumenyi mu nshingano rugena uburyo bwo gutegura gahunda yo gutanga ubumenyi umukozi w’umunyamahanga afite ku bakozi b’Abanyarwanda n’iz’uburyo bwo gukurikirana ishyingira mu bikorwa ryabyo.</p>	<p><u>Article 48:</u> Obligations of an employer upon termination or expiry of contract of a foreign employee</p> <p>If the contract concluded between an employer and the foreign employee is terminated or expires, the employer informs in writing, the organ in charge of immigration and emigration.</p> <p><u>Article 49:</u> Skills transfer</p> <p>For purposes of skills transfer between a foreign employee and a Rwandan employee, the employer must clearly stipulate in the employment contract the duties of a foreign employee including the duty to build the capacity of Rwandan workmates.</p> <p><u>Article 50:</u> Modalities for preparation of a plan for skills transfer</p> <p>A State organ in charge of skills development determines modalities of preparation of a plan for the transfer of skills from a foreign employee to Rwandan employees and those of monitoring its implementation.</p>	<p><u>Article 48 :</u> Obligations d’un employeur en cas de résiliation ou d’expiration du contrat d’un travailleur étranger</p> <p>Si le contrat conclu entre l’employeur et le travailleur étranger est résilié ou expire, l’employeur informe par écrit l’organe chargé de l’immigration et émigration.</p> <p><u>Article 49:</u> Transfert de compétences</p> <p>Dans le cadre du transfert de compétences entre le travailleur étranger et un travailleur rwandais, l’employeur doit stipuler clairement dans le contrat de travail les attributions d’un travailleur étranger, y compris l’attribution de renforcer les capacités des collègues rwandais.</p> <p><u>Article 50:</u> modalités de préparation d’un plan de transfert des compétences</p> <p>Un organe de l’État ayant le développement des capacités dans ses attributions détermine les modalités de préparation d’un plan de transfert de compétences d’un travailleur étranger aux travailleurs rwandais et celles de suivi de sa mise en exécution.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 51: Gukurikirana ishyirwa mu bikorwa</u></p> <p>Minisiteri ifite umurimo mu nshingano, imaze kujya inama n'inzego zirebwa n'ishyirwa mu bikorwa ry'itangwa ry'akazi ku munyamahanga, ishyiraho itsinda ry'abatekinisiye rihuriweho n'izo nzego kugira ngo rikurikirane iryo shyirwa mu bikorwa, akanagena inshingano n'imikorere byaryo.</p>	<p><u>Article 51: Monitoring of implementation</u></p> <p>The Ministry in charge of labour, after consultation with the organs entrusted with the implementation of employment of a foreigner, establishes a joint technical team to monitor this implementation and determines its responsibilities and functioning.</p>	<p><u>Article 51: Suivi de la mise en exécution</u></p> <p>Le ministère ayant le travail dans ses attributions, après consultation des institutions de suivi de la mise en exécution de l'emploi d'un étranger, établit une équipe technique conjointe de suivi de cette mise en exécution et détermine ses responsabilités et son fonctionnement.</p>
<p><u>UMUTWE WA VI: IBIRUHUKO BY'INGOBOKA</u></p> <p><u>Ingingo ya 52: Ikiruhuko cy'ingoboka</u></p> <p>Umukoresha aha umukozi ikiruhuko cy'ingoboka kubera ibyiza cyangwa ibyago byabaye mu muryango we mu buryo bukurikira:</p> <p>1° iminsi ibiri (2) y'akazi iyo yashyingiwe imbere y'amategeko;</p> <p>2° iminsi ine (4) y'akazi iyo umugore we yabyaye;</p> <p>3° iminsi itanu (5) y'akazi yiyongera ku minsi ivugwa mu gace ka 2° k'iki gika,</p>	<p><u>CHAPTER VI: CIRCUMSTANTIAL LEAVES</u></p> <p><u>Article 52: Circumstantial leave</u></p> <p>An employer grants circumstantial leave to an employee in case of fortunate or unfortunate event that occurs in his or her family as follows:</p> <p>1° two (2) working days in case of his or her civil marriage;</p> <p>2° four (4) working days in case his wife gives birth,</p> <p>3° five (5) working days in addition to days provided for in Item 2° of this</p>	<p><u>CHAPITRE VI : CONGÉS DE CIRCONSTANCE</u></p> <p><u>Article 52: Congé de circonstance</u></p> <p>Un employeur accorde un congé de circonstance à un travailleur à l'occasion d'un événement heureux ou malheureux qui survient dans sa famille, comme suit :</p> <p>1° deux (2) jours ouvrables en cas de son mariage civil;</p> <p>2° quatre (4) jours ouvrables en cas d'accouchement de son épouse ;</p> <p>3° cinq (5) jours ouvrables en plus des jours prévus au point 2° du présent</p>

<p>iyo habaye ingorane zishingiye ku kubyara k'umugore we;</p> <p>4° ukwezi kumwe (1) kwiyongera ku minsi iteganyijwe mu gace ka 2° k'iki gika, iyo umugore we apfuye agasiga umwana utarageza ku mezi atatu (3) y'amavuko;</p> <p>5° iminsi irindwi (7) y'akazi iyo uwo bashyingiranywe yapfuye;</p> <p>6° iminsi itanu (5) y'akazi iyo umwana we cyangwa uwo abereye umubyeyi ataramubyaye yapfuye;</p> <p>7° iminsi ine (4) y'akazi iyo se, nyina, sebukwe cyangwa nyirabukwe yapfuye;</p> <p>8° iminsi ine (4) y'akazi iyo umuvandimwe bavukana yapfuye;</p> <p>9° iminsi itatu (3) y'akazi iyo sekuru cyangwa nyirakuru yapfuye;</p> <p>10° iminsi itatu (3) y'akazi iyo yimuriwe aharenze ibirometero mirongo itatu (30) uvuye aho asanzwe akorera.</p>	<p>Paragraph in case of complication related to his wife's delivery;</p> <p>4° one (1) month in addition to days provided for in Item 2^o of this Paragraph in case his wife dies leaving an infant of less than three (3) months;</p> <p>5° seven (7) working days in case of death of his or her spouse;</p> <p>6° five (5) working days in case of death of his or her child or adoptive child;</p> <p>7° four (4) working days in case of death of his or her father, mother, father-in-law or mother-in-law;</p> <p>8° four (4) working days in case of death of his or her brother or sister;</p> <p>9° three (3) working days in case of death of his or her grandfather or grandmother;</p> <p>10° three (3) working days in case of his or her transfer over a distance of more than thirty (30) kilometers from his or her usual place of work.</p>	<p>alinéa en cas des complications liées à l'accouchement de son épouse;</p> <p>4° un (1) mois en plus des jours prévus au point 2^o du présent alinéa au cas où sa femme meurt en laissant un enfant de moins de trois (3) mois;</p> <p>5° sept (7) jours ouvrables en cas de décès de son conjoint;</p> <p>6° cinq (5) jours ouvrables en cas de décès de son enfant ou de son enfant adoptif;</p> <p>7° quatre (4) jours ouvrables en cas de décès de son père, sa mère, son beau-père ou sa belle-mère;</p> <p>8° quatre (4) jours ouvrables en cas de décès de son frère ou sa sœur;</p> <p>9° trois (3) jours ouvrables en cas de décès de son grand-père ou sa grand-mère;</p> <p>10° trois (3) jours ouvrables en cas de sa mutation sur une distance de plus de trente (30) kilomètres de son lieu de travail habituel.</p>
---	---	--

<p>Umukozi uri mu kiruhuko cy'ingoboka akomeza kubona umushahara n'ibindi agenerwa.</p> <p><u>Ingingo ya 53:</u> Ikiruhuko gihabwa umukozi w'igitsina gore wabyaye umwana upfuye cyangwa wabyaye umwana agapfa nyuma yo kuvuka</p> <p>Umukozi w'igitsina gore wabyaye umwana upfuye kuva ku cyumweru cya makumyabiri (20) cyo gusama ahabwa ikirukuko kingana n'ibyumweru umunani (8) bibarwa uhereye igihe umwana yapfiriye. Umukoresha yishyura mu gihe cy'ibyumweru bitandatu (6), umushahara w'umukozi w'igitsina gore wabyaye umwana upfuye naho urwego rufite ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu nshingano, rukamwishyura ibyumweru bibiri (2) bya nyuma.</p> <p>Umukozi w'igitsina gore wabyaye umwana agapfa nyuma yo kuvuka ahabwa ikiruhuko cyo kubyara kingana n'iminsi yari isigaye ku kiruhuko cyo kubyara. Umushahara w'umukozi ukomeza kwishyurwa nk'uko bikorwa ku mugore uri mu kiruhuko cyo kubyara.</p>	<p>An employee on circumstantial leave continues to receive his or her salary and fringe benefits.</p> <p><u>Article 53:</u> Leave granted to a female employee who gives birth to a stillborn baby or whose child dies after birth</p> <p>A female employee who gives birth to a stillborn baby from the twentieth (20th) week of pregnancy is entitled to a leave of eight (8) weeks from the day the baby dies. An employer pays the salary for six (6) weeks to the female employee who gives birth to a stillborn baby, while the organ in charge of maternity leave benefits scheme pays for the last two (2) weeks.</p> <p>A female employee whose child dies after birth is entitled to a leave equal to the remaining days of her maternity leave. Her salary continues to be paid as the same way is done for a female employee who is on a maternity leave.</p>	<p>Un travailleur en congé de circonstance continue de percevoir son salaire et ses avantages.</p> <p><u>Article 53:</u> Congé accordé à un travailleur de sexe féminin dont l'enfant est mort-né ou dont le nouveau-né meurt après sa naissance</p> <p>Un travailleur de sexe féminin dont l'enfant est mort-né à partir de la vingtième (20^{ème}) semaine de la grossesse a droit à un congé de huit (8) semaines à compter de la mort de l'enfant. L'employeur paie le salaire pour six (6) semaines à un travailleur de sexe féminin dont l'enfant est mort-né tandis que l'organe ayant le régime des prestations de congé de maternité dans ses attributions prend en charge les deux (2) dernières semaines.</p> <p>Un travailleur de sexe féminin dont le nouveau-né meurt après sa naissance a droit à un congé égal aux jours restants de son congé de maternité. Elle continue à recevoir son salaire au même titre qu'un travailleur de sexe féminin en congé de maternité.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 54: Ikiruhuko gihabwa umukozi igihe inda yavuyemo</u></p> <p>Umukozi w'igitsina gore ukuyemo inda yari atwite mbere y'ibyumweru makumyabiri (20) kuva asamyeye, ahabwa ikiruhuko cy'uburwayi hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p><u>Ingingo ya 55: Ikiruhuko gihabwa umukozi ubyaye umwana igihe cyo kuvuka kitaragera</u></p> <p>Umukozi w'igitsina gore ubyaye umwana igihe cyo kuvuka kitaragera ahabwa ikiruhuko kingana n'iminsi yari isigaye kugira ngo umwana avukire igihe gisanzwe cy'amezi icyenda (9). Muri iki gihe, umukoresha n'urwego rufite ibigenerwa umugore uri mu kiruhuko cyo kubyara mu nshingano, buri wese yishyura umukozi w'igitsina gore wabyaye, kimwe cya kabiri (½) cy'umushahara.</p> <p>Umukozi w'igitsina gore umaze gufata ikiruhuko kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, afite uburenganzira bwo gufata ikiruhuko cyo kubyara kingana n'ibyumweru cumi na bibiri (12).</p>	<p><u>Article 54: Leave granted to an employee in case of miscarriage</u></p> <p>A female employee who has a miscarriage before twenty (20) weeks of pregnancy is granted a sick leave in accordance with relevant laws.</p> <p><u>Article 55: Leave granted to an employee who gives birth to a premature baby</u></p> <p>A female employee who gives birth to a premature baby is entitled to a leave equal to the remaining days to normal delivery period of nine (9) months. During this period, the employer and the organ in charge of maternity leave benefits scheme pay, each, a half (½) of the salary to the female employee.</p> <p>The female employee, after taking the leave referred to in Paragraph One of this Article, is entitled to a maternity leave of twelve (12) weeks.</p>	<p><u>Article 54: Congé accordé à un travailleur en cas de fausse couche</u></p> <p>Un travailleur de sexe féminin qui a eu une fausse couche avant vingt (20) semaines de grossesse bénéficie d'un congé de maladie conformément à la législation en la matière.</p> <p><u>Article 55: Congé accordé à un travailleur en cas d'accouchement d'un bébé prématuré</u></p> <p>Un travailleur de sexe féminin qui accouche un bébé prématuré bénéficie d'un congé des jours restants pour que la naissance ait lieu à terme de neuf (9) mois. Pendant cette période, l'employeur et l'organe chargé du régime des prestations de congé de maternité versent, chacun, à un travailleur de sexe féminin la moitié (½) du salaire.</p> <p>Un travailleur de sexe féminin, après le congé prévu à l'alinéa premier du présent article, a droit à un congé de maternité de douze (12) semaines.</p>
---	---	---

<p><u>Ingingo ya 56: Igihe cyo gutanga ikiruhuko cy'ingoboka</u></p> <p>Ikiruhuko cy'ingoboka gitangwa mu gihe habaye impamvu igitangira uburenganzira.</p> <p>Ikiruhuko cy'ingoboka ntigishobora gucibwamo ibice cyangwa gukurwa mu kiruhuko cy'umwaka.</p>	<p><u>Article 56: Period for granting circumstantial leave</u></p> <p>A circumstantial leave is granted at the moment of the event which gives right to it.</p> <p>A circumstantial leave can neither be divided into instalments nor be deducted from the annual leave.</p>	<p><u>Article 56: Période d'octroi du congé de circonstance</u></p> <p>Un congé de circonstance est accordé au moment de l'événement qui y donne droit.</p> <p>Un congé de circonstance ne peut être divisé en tranches ni être déduit du congé annuel.</p>
<p><u>Ingingo ya 57: Gusaba ikiruhuko cy'ingoboka</u></p> <p>Umukozi asaba umukoresha ikiruhuko cy'ingoboka, mu nyandiko, mbere y'uko uwo umukozi akijyamo, keretse adashoboye kubikora bitewe n'impamvu zidasanzwe. Muri icyo gihe, umukozi abimenyeshya umukoresha mu gihe kitarenze amasaha makumyabiri n'ane (24).</p>	<p><u>Article 57: Request for circumstantial leave</u></p> <p>An employee requests a circumstantial leave, in writing, from the employer before the beginning of a circumstantial leave, except when the employee is unable to do so, due to exceptional circumstances. In such a case, the employee informs the employer within twenty-four (24) hours.</p>	<p><u>Article 57: Demande du congé de circonstance</u></p> <p>Un employé demande à l'employeur, par écrit, un congé de circonstance avant le début de ce congé de circonstance, sauf lorsque cet employé est dans l'impossibilité de le faire, en raison de circonstances exceptionnelles. Dans ce cas, l'employé en informe l'employeur endéans vingt-quatre (24) heures.</p>
<p><u>UMUTWE WA VII: INGINGO ZISOZA</u></p> <p><u>Ingingo ya 58: Ingingo ikuraho</u></p> <p>Amateka akurikira avanyeho:</p> <p>1° Iteka rya Minisitiri n° 06 ryo kuwa 13/07/2010 rishyiraho urutonde</p>	<p><u>CHAPTER VII: FINAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article 58: Repealed provision</u></p> <p>The following Orders are repealed:</p> <p>1° Ministerial order n° 06 of 13/07/2010 determining the list of worst forms of</p>	<p><u>CHAPITRE VII : DISPOSITIONS FINALES</u></p> <p><u>Article 58: Disposition abrogatoire</u></p> <p>Les arrêtés suivants sont abrogés :</p> <p>1° l'Arrêté Ministériel n° 06 du 13/07/2010 déterminant la liste et nature des pires</p>

